

WA MUNSI I KALUVARI

 Urakoze, mwene Data Neville. [Mwene Data Neville aravuga ati: “Habwa umugisha, mwene Data.”—Ubwanditsi.] Imana iguhe umugisha, mwene Data Neville. Urakoze cyane.

² Mwaramutse, nshuti. Ni byiza kongera kuba hano mu rusengero, muri iki gitondo, gukorera Umwami, mu buryo bwo kwamamaza Ijambo no gusengera abarwayi. Kandi ndishimye cyane kubw’uyu munsu.

³ Kandi natangaye, nkimara kwinjira. Mwene Data umwe aranyegera maze arambwira ati: “Sinshaka kumera nk’umubembe utiyubaha wakize uburwayi.” Ni mwene Data Wright. Naramusengeye, maze Uwiteka aramukiza burundu. Arazamuka, arira, kugira ngo amfate ukuboko, avuga—ko ashaka gushimira Uwiteka kubw’ibyo—kubera ko yakize. Yashakaga kugaruka no gushimira. Byose byarangiye. A—ameze neza ubu. Twishimiye ubwo buhamya.

⁴ Nawe Charlie, wowe na mwene Data Jeffries, niba mubishaka, muzamuke hano mufate iyi myanya yo hejuru. Kandi mbifurije ikaze, ntabwo rero mugomba guhagarara. Hari undi mwene Data uhari, na mwene Data Wood, zamuka hano. Urimo. . .Hano gato, hari imyanya ibiri hano ku ntebe, ntabwo rero mugomba guhagarara. Ndizera, ahantu hamwe, kandi, yego, mugomba kwifurizwa ikaze ku buryo burenze bityo rero mugomba gufata iyi myanya.

⁵ Turanezerewe, na twe. . .Ndizera ko igihe kimwe byari byavuzwe, ngo: “Ndanezerwa iyo bambwiye. . .” Imana iguhe umugisha, mwene Data. [Mwene Data umwe aravuga ati: “Dukunda kuba hafi y’umubwirizabutumwa.”—Ubwanditsi.] Murakoze. Ndabashimiye, murakoze. “Naranezerwaga iyo bambwiraga ngo tujye mu nzu y’Uwiteka.” Ni iby’amahirwe n’ibyishimo ku Mukristo, kujya mu nzu y’Uwiteka.

⁶ Iyo ndebye, mbona benshi mu nshuti zanjye, muri iki gitondo, biranezeza cyane kuri ibi. Nshimishijwe no kubona Mwene Data na Mushiki wacu Dauch hano, baturutse Ohio. Ndabona mwene Data na Mushiki wacu Armstrong bagarutse bari hariya, baturutse Ohio. Imana ibahe umugisha mwese. Kandi, yewe, urebye hirya no hino, ubona benshi, byaba ari ibintu bigoye kumenya amazina yabo bose. Mushiki wacu Hoover, twishimiye kukubona, muri iki gitondo, uturutse hepfo muri Kentucky. Kandi Charlie na Nellie, mwene Data Jeffries n’umuryango we, kandi benshi cyane, baturutse mu mujyi.

⁷ Dutegereje rero ibihe byiza mu Mwami, muri iki gitondo, twiteze ko Imana idusanganira mu buryo bwo guha imigisha

ubugingo no kudukorera ibintu dukeneye.

⁸ Kandi nk'uko ndeba hirya no hino, niba ngiye guhamagara inshuti zanjye zose hirya no hino, Nzafata iby'ingenzi mu gitondo, mvuge ibitandukanye. Bituma numva meze neza gusubira mu rusengero, nkabona abantu bose barimo, nkabona bahuye.

⁹ Bizagenda bite nitugera mw'Ijuru, kandi duhurira Yo muri kiriya gihe gikomeye cy'ibihe bidashira, Mu busabane Buhoraho turi hamwe, hafi y'Intebe y'Imana, n'imigisha myinshi twese dukunzwe? Twebwe, Hariya, tuzahindurwa duse na We, no mw'ishusho Ye, hamwe n'Umwuka We kuri twe, kumusenga no kumukorera Iteka ryose, ntituzigera tunanirwa.

¹⁰ Nimutekereze, mu byo mukunda gukora, nta na kimwe mwashobora gutekerezaho, mutashobora kugeraho ariko rimwe na rimwe murambirwa kubikora. Charlie, ntekereza ko nyje na we twahiganye inkima kurusha ibindi bintu dukunda gukora, muri ubwo buryo, ariko, urabizi, urambiwe kubikora.

¹¹ Kandi Nyje—Nyje nkunda gu—gutembera, nkinjira mu misozi ngatembera gusa. Ariko ndarushye, hari gihe, ushaka gukora ikindi kintu.

¹² Kandi nkunda gutwara imodoka. Rimwe na rimwe, numva ndushye kandi ndanashaje, n'imitsi ku mubiri hose. Gusa nsimbukira mu modoka yanjye gusa nkayiyobora, mfata kuri diregisiyo, nkamanuka mu muhanda, ndirimba, “Nishimiye cyane ko nshobora kuvuga ko ndi umwe muri bo,” cyangwa ikindi kintu. Mfashe gusa urwo ruziga, nkaririmba, ngakandagiza ikirenge, maze nkarangurura ijwi. Kandi, ni byiza, nyuma y'igihe, ndananirwa, hanyuma nsubira mu rugo ntangira ikindi kintu.

¹³ Ariko nitugera aho gusenga Imana muri ubwo Bwami bushya, ntihazigera habaho umwanya wo kunanirwa, gusa—gusa bizahora ari umugisha, gusa gusa. Ariko, birumvikana, tuzahinduka icyo gihe. Ntabwo tuzamera nk'uko tumeze ubu. Twaba dutandukanye, turi ibiremwa bitandukanye n'ibyo turimo muri iki gihe. Rero turishimye.

¹⁴ Natekereze gusa. Sinzi niba narigeze kubikora, naravuze kuri ibi cyangwa ntarabivuzeho. Mwene Data Charlie, hashize igihe, ubwo nari muri Kentucky ndi kumwe na we, nuko arambwira ati: “Mwene Data Branham, uratekereza ko, mu Kiruhuko cy'imyaka igihumbi, wowe na nyje tuzahiga inkima?”

Ndavuga nti: “Ntabwo ari ko mbitekereza, Charlie.”

¹⁵ Aravuga ati: “Ni byiza, twarabikunze cyane,” ati, “wowe—utekereza ko tuzabikora nitugera mu Kiruhuko cy'imyaka igihumbi?”

Ndavuga nti: “Oya, nta kintu na kimwe kizicwa mu Kiruhuko cy'imyaka igihumbi.”

Na we ati: “Ni byiza, twarabikunze gusa.”

¹⁶ Ndavuga nti: “Charlie, byagenda bite mbashije kukwemeza ko igihe kimwe wari ingurube, kandi noneho ukaba warazamuwe ukagera ku rwego rwo hejuru, ukaba umuntu? Waba uzigera uagenda, ushaka gusubira inyuma ukishimira ibinezeza by’ingurube?”

Ati: “Oya.”

¹⁷ Ndavuga nti: “Reba, uri hejuru cyane y’ingurube, ubungubu, uri umuntu, ntuzigera wifuza kongera kuba ingurube.” Ndavuga nti: “Noneho ibyo bikube n’ibihumbi icumi, kandi ni byo uzaba igihe uzakhindurwa ukava aho uzaba uri. Ntuzigera wifuza kongera kuba umuntu ukundi.”

¹⁸ Ni byo. Bizaba bitandukanye. Ndanezerewe cyane kubitekerezaho, gusa nzi ko umunsi umwe tuzazamuka hejuru kurushaho.

¹⁹ Ni byiza, ubungubu, niba Umwami abishaka, ku cyumweru gitaha, bizaba hafi. . . Noneho ngiye kugenda, nsohoke nje i Wyoming, hamwe n’inshuti nziza; cyangwa hanze muri Idaho, hamwe n’inshuti yanjye nziza, Mwene Data Miner Arganbright, mwene Data Clayt Sonmore, Abantu b’Abacuruzi b’Abakristo.

²⁰ Icyumweru gitaha, icyumweru gikurikira, igitaha; kw’itariki ya 7, ngomba kuba ndi i—i Dallas, Texas, mu Giterane kitiriwe Ijwi ryo Gukiza indwara. Kandi ijoro ryanjye nzavugiramo ni iryo kw’itariki ya 7. Hanyuma ngaruke, kugira ngo nje muri Idaho hamwe na mwene Data Arganbright hamwe n’ihuriro ry’Abagabo b’Abakristo bakora Ubucuruzi. Kandi birashoboka ko namara ijoro rimwe muri Minneapolis, mbere y’uko tugenda. Noneho hagakurikiraho ifunguro rya mu gitondo ry’Abagabo b’Abakristo b’Abacuruzi.

²¹ Uwiteka nabishaka, ku cyumweru gitaha mu gitondo ndashaka kugaruka hano ku rusengero, niba ibyo byemewe kandi ari ubushake bw’Umwami. Kandi ndashaka kuvuga ku ngingo y’ibijyanye na *Servakira Mu Muyaga* niba Umwami abishaka. Byasaga nk’aho biri ku mutima wanjye, iki cyumweru cyose.

²² Ejobundi mu gitondo, kare kare, nka saa kumi za mu gitondo, narabyutse ngira iki gitekerezo, “Wa munsi i Kaluvari.” Kandi ndashaka kuvuga kuri ibyo, muri iki gitondo: *Wa Munsi I Kaluvari*.

²³ Noneho kuri ibi bigiye gusomwa, reka dufungure turebe muri Bibiliya zacu, mu Byanditswe, ku Ivanjili ya Mutagatifu Matayo, ku gice cyayo cya 27. Reka duhere ku murongo wa 27 hanyuma dusome igice cy’iki Cyanditswe, kugira ngo tubone iby’ibanze byacu, ubu turahita dutangira ako kanya. Kandi nyuma y’umurimo wo kubwiriza, turaza gusengera abarwayi.

²⁴ Kandi, yewe, kuva igihe gishize, dusubiye inyuma gato, tukerekana ubwoko bushya bw'umurimo wanjye. Nari mfite ubuhamya bwinshi bwo kugarukaho muri ayo materaniro kuruta ubwo nigeze ngira mu gihe kirekire gishize.

²⁵ Hariho ikintu kijyanye, n'uko ugomba kuvugana n'umuntu, utitaye ku byo indengakamere zerekana. Ariko, nimurebe, gukira bigomba gushingira ku kwizera kwa buri muntu. Noneho, niba umuntu ku giti cye afite kwizera . . .

²⁶ Kandi barabona, nk'uko, Umwuka Wera agendagenda mu cyumba bumva avuga ati: "Hari ibintu *runaka-runaka* byabaye. Kandi, ibyo, izina ryawe uri *runaka-na-runaka*. Kandi ukomoka ahantu *nk'aho*. Kandi ikintu *runaka* wakoze. Kandi bizagenda muri *ubu buryo*." Kandi murebe byose bibaho neza muri ubwo buryo!

²⁷ Nyamara, umuntu ku giti cye, uri aho, agomba kureba hejuru akavuga ati: "Ibyo bigomba kuba ari Imana. Nemeye gukira indwara kwanjye."

²⁸ Ariko, mu mwanya w'ibyo, ni umuntu ku giti cye uvuga ati: "Undambikeho ibiganza maze unsengere, kugira ngo nkire." Ariko ubwo ni bwo buryo twigishijwemo hano muri Amerika, kandi, bityo, ni byo kwizerwa. Kandi ibyo rwose ni Ibyanditswe.

²⁹ Ariko ubu dusanze, muri Afurika n'ahantu hatandukanye, reka ibintu nk'ibyo bibeho, abaduteze amatwi bose bagera mu gihe kimwe, bakemera gukira kwabo, kuko ntacyo bigishijwe. Murareba? Ntabwo bigishijwe no gukira. Noneho iyo babibonye, bamenya ko hari Imana iriho. "Niba kandi Iriho, Ni—ni Yo Isumba byose, kandi I—Irakiza." Kandi ni byo, kuko ishingiro rimaze gushyirwaho, imfatizo, ko Ari umuganga, kandi akiza abantu. Noneho iyo babonye Ukugaragara Kwayo gukorera mu Itorero Ryayo, ubwo baravuga bati: "Ibyo birakemutse. Ibyo ni byo gusa dukeneye."

³⁰ Ariko twarigishijwe, "kurambika ibiganza ku barwayi," n'ibintu nk'ibyo. Ni nayo mpamvu bidakora neza muri Amerika.

³¹ Noneho, nimwibuke, icyumweru gitaha mu gitondo, Uwiteka nabishaka, Mwene Data Neville azabitangaza, byanze bikunze. Kandi . . . se . . . *Serwakira Mu Muyaga*.

³² Noneho, nabahaye umwanya muto wo kurambura mu Byanditswe byanyu, muri Matayo 27. Reka dutangire gusoma ku—ku murongo wa 27, w'Ivanjili ya Mutagatifu Matayo. Noneho reka twumve neza ibyo dusoma.

Maze abasirikare b'umutegeka bajyana Yesu mu rukiko, bamuteranyirizaho ingabo zose.

Nuko baramuciza bamwambika umwenda w'umuhemba.

baboha ikamba ry'amahwa barimwambika mu mutwe, n'urubingo mu . . . kuboko kwe: baramupfukamira,

baramushinyagurira, bavuga ngo, Amahoro Mwami w'Abayuda!

Nuko bamucira amacandwe, benda rwa rubingo, bararumukubita mu mutwe.

...bamaze kumushinyagurira, bamwambura wa mwenda, bamwambika imyenda ye bamujyana kumubamba.

Bagisohoka, bahura n'Umunyakurene, witwaga Simoni: uwo bamuhata kujyana nabo ngo yikorere umusaraba.

bamaze kuzamuka, bagera ahitwa i Gorogota, hasobanurwa ngo, i nyabihanga

bamuha vino ivanze n'indurwe ngo anywe... asogongeyeho, yanga kuyinywa.

nuko bamaze kumubamba, bagabana imyenda ye, nuko barayifindira: kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi bisohore, Bagabanye imyenda yanjye, maze barayifindira.

... bicara aho baramurinda;

Maze bashyira... hejuru y'umutwe we ibirego bamureze byanditswe ngo, UYU NI YESU UMWAMI W'ABAYUDA.

Maze aho hari abambuzi babiri babambanywe na we, umwe iburyo, undi ibumoso.

Nuko a—abahisi baramutuka, bamuzunguriza imitwe,

Maze baravuga ngo, wowe usenya urusengero ukarwubaka mu minsi itatu, ikize. Niba uri Umwana w'Imana, manuka uve ku musaraba.

Abatambyi bakuru, n'abanditsi n'abasaza nabo bashinyagura batyo, bati,

Yakijije abandi; ntabasha kwikiza. Niba ari Umwami w'Abisirayeri, namanuke ave ku musaraba nonaha, native turamwemera.

Yiringiye Imana; ngaho nimukize nonaha, niba izamukiza: kuko yavuze ngo, Ndi Umwana w'Imana.

N'abambuzi, babambanywe na we, na bo baramutuka, bajugunya ibyo mu menyo yabo, mu menyo ye.

Nuko uhereye ku isaha ya gatandatu haba ubwirakabili mu gihugu cyose kugeza ku isaha ya saa cyenda.

Maze ku isaha ya saa cyenda Yesu avuga ijwi riranga ngo, Eli, Eli, lama sabakitani? bisobanurwa ngo, Mana Yanjye, Mana yanjye ni iki kikundekesheje?

Bamwe mu bari bahagaze aho babyumvise, baravuga ngo, Umva arimo guhamagara Eliya.

Uwo mwanya umwe muri bo...arirukanka, yenda sipongo, ayuzuza inzoga isharira, ayishyira ku rubingo, arayimusomesha.

Ariko abandi baravuga ngo, Ba uretse, reka turebe ko Eliya aza maze akamukiza.

Yesu, yongera kuvuga ijwi rirenga, aratanga.

Kandi umwenda ukingiriza ahera cyane h'urusengero, utabukamo kabili utangirira hejuru ugeza hasi; nuko isi iratigita ibitare birameneka;

...ibituro birakinguka; intumbi nyinshi z'abera bari barasinzirije zirazurwa,

bava mu bituro maze amaze kuzuka, binjira mu murwa wera, babonekera benshi.

Noneho umutware w'abasirikare, n'abari kumwe na we, barinda Yesu, babonye igishyitsi, n'ibibaye, baratinya cyane, baravuga bati: Ni ukuri, uyu yari Umwana w'Imana.

33 Reka twunamishe imitwe akanya gato kubwo gusenga.

34 Mwami, tuzi ko Wowe uri Imana. Kandi...Nyuma yo gusoma iri Jambo ryejeje kandi ritunganye, dushobora kubona ko kamere Yawe idahinduka. Uhora uri Imana. Kandi byasaga nk'aho Yesu atazagira ubufasha, ko Yafashwe n'amaboko mabi akamutemagura, acirwa amacandwe, arashinyagurirwa, kandi amanikwa ku musaraba, ava amaraso, arapfa. Kandi byasaga nk'aho nta hantu na hamwe hari guturuka ubufasha, ntaho, kugeza ubwo Yaranguruye ijwi, We ubwe ati: "Mana Yanjye, Mana Yanjye, ni iki kikundekesheje?"

35 Ariko, Ukora mu gihe nta kindi kintu gishobora gukora. Twahawe kumenya, Mwami, ko niba dufite inzuzi tudashobora kwambuka, niba dufite imisozi iyo ari yo yose tudashobora kunyuramo, Imana ishoboye gukora ibintu abandi badashobora gukora.

36 Uri umuhanga, ku murimo, kuko Wari uzi impamvu y'uwo muni i Kaluvari. Wowe, kuba uri Imana, Imwe itagira iherezo, wari uzi ko iki gihe kigomba kuzabaho. Ariko ubwo byasohoraga, noneho Werekanye ko Uri Imana. Werekanye Uwari umuyobozi. Wanyeganyeye isi, abera baryanye mu butaka barasohoka. Wirabuza izuba nijoro, nk'umwijima w'ijoro, werekana ko Uri Imana. Ariko Wasaga nk'uwacecetse igihe kirekire.

37 Reka, duhereye kuri ibi, dufate uyu mwanzuro, ko, igihe cyose tugenda mu Mwuka, tuyobowe n'ikiganza cy'Imana,

ntacyo bitwaye uko byaba bisa n'amakosa kose, nyamara duhura na Calvary; Imana izavuga kw'isaha ikwiye n'igihe gikwiye.

³⁸ Noneho, Data Mana, twasabaga imbabazi z'ibyaha byacu no gukiranirwa kwacu. Turasaba Umwuka Wawe kutuyobora. Utuyobore, nk'uko Inuma yayoboye Intama. Reka twumvire ikintu cyose gishobora kutubaho, tumenye ibi, ko Imana ikora ibintu byose neza, kandi tumenye ko bizaba byiza.

³⁹ Bana natwe uyu muni muri aya materaniro. Turasenga ngo Uzakize abiteguye gukizwa, kandi bashaka agakiza. Uzuza abafite Ubugingo bw'Iteka, babufitiye inyota. Turasenga ngo Uzakize abarwaye n'abababaye, baje, bashaka gukira. Kandi tuzagushimira kubw'ibyo. Tubisabye mu Izina ry'Umwana Wawe, Umukiza wacu, Yesu Kristo. Amina.

⁴⁰ Noneho, mu kuvuga muri iki gitondo, twifuje gushishikariza ibitekerezo byawe ku nyandiko nahisemo kuvugaho: *Wa muni i Kaluvari*.

⁴¹ Birasa nk'aho byaba bitarengeje igihe; ibi bigomba kuba kuwa Gatanu Mutagatifu. Kaluvari igomba kwibukwa buri muni. Kandi twumvise byinshi ku byerekeranye na yo, dusoma byinshi ku byerekeranye na yo. Ababwiriza bayibwirijeho, kuva kera. Abaririmbyi barayiririmbye, kuva kera. Abahanuzi bayivuzeho, imyaka ibihumbi bine mbere y'uko ibaho. Kandi abahanuzi b'uyu muni berekana igihe byabereye. Ni umuni w'ingenzi! N'umuni umwe w'ingenzi mu muni yose Imana yigeze ishyira ku isi.

⁴² Niba kandi ari ngombwa cyane ku nyoko muntu, Kaluvari, Ntekereza ko ari byiza ko dusubira inyuma tugasuzuma, tukareba icyo ivuze kuri twe. Kubera ko, nzi neza ko, kuri iki gihe cyatinze turimo, turashaisha akamaro kose k'Imana dushobora kumenya. Kandi ibyo dushobora kumenya byose, turi hano kugira ngo tubyige, turebe icyatubera, n'icyo Imana yadukoreye, tukanarebe icyo yasezeranije kudukorera. Kandi ni byo bituzana mu rusengeru. Ni yo mpamvu umubwiriza abwiriza, ni yo mpamvu yiga kandi akazirikana mu Byanditswe Byera, agashaka uguhumekerwa, ni ukubera ko ari umukozi wa rusange ku bantu b'Imana. Kandi agerageza gushaka ikintu kiza... icyo Imana igomba kubwira ubwoko Bwayo, ikintu cyabufasha. Ahari, byashoboka, kubaciraho iteka mu byaha byabo, ariko byafasha kubarera, kugira ngo bareke ibyaha byabo, hanyuma bahagurukire gukorera Umwami. Kandi abakozi b'Imana bagomba gushaka ibyo bintu.

⁴³ Uyu muni, ni uw'ingenzi cyane, ni umwe mu muni ikomeye, reka turebe ibintu bitatu bitandukanye bisobanura uyu muni kuri twe. Dushobora gufata n'ibintu ijana. Ariko, muri iki gitondo, nahisemo ibintu bitatu bitandukanye, by'ingenzi ibyo dushaka kureba, mu mwanya ukurikira, icyo Kaluvari yatumariye. Kandi ndasenga ngo bicire urubanza buri

munyabyaha wese uri hano; bizatuma abera bose bajya ku mavi; ibyo bizatuma umuntu wese urwaye azamura kwizera kwe akakwerekeza ku Mana, akagenda, akize; umunyabyaha wese, agakizwa; umuntu wese wasubiye inyuma akagaruka, akagirira isoni; n'uwera wese, nawe akishima, kandi agafata ibyemezo bishya n'ibyiringiro bishya.

⁴⁴ Ikintu kimwe gikomeye, cy'ingenzi Kaluvari isobanura kuri twe no kw'isi, ni uko, yakemuye ikibazo cy'icyaha, icyarimwe. Umuntu yahamwe n'icyaha. Kandi icyaha cyari igihano nta muntu washoboraga kucyishyura. Igihano cyari kinini kugeza igihe nta muntu washoboraga kwishyura ikiguzi. Nizera rwose ko Imana yabitegetse gutya, ko igihano cyaba kinini ku buryo nta muntu n'umwe washoboraga kwishyura, kugira ngo Abashe kubikora, We ubwe. Noneho, igihano cy'icyaha cyari urupfu. Kandi twese twavukiye mu cyaha, twakuriye mu bicumuro, tuza mw'isi, tuvuga ibinyoma. Kubw'ibyo rero nta n'umwe muri twe wari ukwiriye, cyangwa, ntibashoboraga kubona umuntu ukwiriye ku isi.

⁴⁵ Kandi icyaha nticyatangiriye ku isi. Icyaha cyatangiriye mu Ijuru. Lusi-...yari...Lusiferi, satani, yari ikiremwa cyavumwe, kubera kutumvira kwe, mbere y'uko anyeganyeza isi. Icyaha cyatangiriye mu Ijuru, aho Imana yashyize Abamalayika, n'ibindi nk'ibyo, ku rwego rumwe yashyizeho abantu; ubumenyi, igiti cy'ubumenyi, igiti cy'Ubugingo n'igiti cy'ubumenyi, aho umuntu yashoboraga guhitamo. Kandi icyo gihe Lusiferi yahawe umwanya wa mbere, kugira ngo ahitemo, yashakaga ikintu cyiza kuruta icyo Imana ifite. Ibyo byatangiyeye guteza ibibazo.

⁴⁶ Kandi hari icyasabwaga ku cyaha. Icyasabwaga ni urupfu. Urupfu ni cyo gihano. Kandi, ni ukuvuga ko, dushobora kujya mu buryo burambuye bw'ibi, kuko ntizera ko hariho urupfu rumwe. Hariho Ubuzima bumwe. Kandi nizera ko umuntu ufite Ubugingo Buhoraho adashobora na rimwe gupfa. Kandi nizera ko hariho kurimbuka burundu k'ubugingo bukora icyaha, kuko Bibiliya iravuga iti: "Ubugingo bwacumuye, buzapfa byanze bikunze." Ntabwo ari umuntu; ni "*ubugingo* bukoze icyaha." Rero, Satani agomba rwose gupfa, kugira ngo arimburwe rwose. Ni gute ntemeranya n'abantu bose bavuga ko Satani azakizwa! Yaracumuye, kandi ni we watangije icyaha. Ubugingo bwe buracumura; kandi yari umwuka. Uwo mwuka uzarimburwa rwose, nta kintu na kimwe cyawo gisigaye.

⁴⁷ Kandi ubwo icyaha cyarimburaga isi, uhereye ku itangiriro, nk'urupapuro rw'umukara rugwa ruvuye mw'ijuru, mu by'ukuri byahangayikishije isi. Yatumye ibiremwa byose, kw'isi, hamwe n'ibyo Imana yaremye byose, bijya mu bucakara. Umuntu yari mu bubata bw'urupfu, indwara, ibibazo, intimba. Kamere yose yahwanye na yo. Icyaha cyari gikabije rwose cyaramugaje isi. Noneho twashyizwe hano, nta byiringiro dufite, kubera ko

ibiremwa byose byo ku isi byumviraga. Kandi buri kiremwa cyose cyavukiye ku isi cyarayobokaga.

⁴⁸ Rero, yagombaga kuva Ahantu runaka hatagera icyaha. Ntishobora kuva ku isi. Umwe muri twe ntiyashoboraga gucungura undi. Byagombaga kuva ku Wundi.

⁴⁹ Kubw'ibyo, iyo umuntu amenye ko yatandukanye n'Imana ye, ahinduka inzererezi. Bararize. Barasakuje. Barakoze n'imbaraga nyinshi. Barazengurutse, banyura mu misozi no mu butayu, bashaka Umujiy wubatse kandi uwawubatse ari Imana. Kubera ko, yari azi ko aramutse agarutse Imbere y'Imana, yashoboraga kubiganiraho na Yo. Ariko nta nzira yo gusubira inyuma yari ihari. Yarazimiye. Ntabwo yari azi inzira yo guhindukira, nuko asohoka gusa, azerera, agerageza gushaka ahantu yashoboraga kubona uburyo bwo gusubira aho Hantu. Hari ikintu imbere muri we cyamubwiye ko akomoka a— Ahantu hatunganye. Nta muntu uri hano muri aba bagaragara, muri iki gitondo, cyangwa mubafata kaseti za manyetiki, aho zizazenguruka isi, nta muntu uhari hano, cyangwa ahandi, ariko icyo ashaka ni ubwo butungane.

⁵⁰ Urabona fagitire zawe, uratekereza ko, “Ibyo bizakemura ikibazo.” Iyo wishyuye fagitire yawe, ni uko haba hari umuntu urwaye mu muryango wawe. Iyo uburwayi buteye, noneho ubona fagitire nyinshi zo kwishyura. Ikintu cya mbere uzi, umusatsi wawe uhinduka imvi, hanyuma ugashaka gusubira ibuto. Kandi hariho ikintu igihe cyose, gihoraho, kandi kubera uwo muhengeri w'icyaha. Ariko mu mutima wawe, kuko ibyo ubishaka, byerekana ko hari aho Bitunganye. Hari ahantu, hari ikintu runaka.

⁵¹ Ni nayo mpamvu, inshuro nyinshi, uyu munsu, umunyabyaha akizerera. Umukobwa mwiza, ukiri muto agakata imisatsi ye, kugira ngo akundwe; akisiga irangi mu maso, kugira ngo agaragare neza; akambara imyenda kugira ngo yerekane imiterere ye. Kubera ko, ni cyo kintu cyonyine ashobora kubona, gushaka ahantu kugira ngo agerageze gushaka ikintu cyo kumugarukira, mu gihe ashobora gutera abagabo abongorera, kamuzunguza, bakundana na we. Umusore azakorera ikintu kimwe umugore, agerageza kumwikundishaho. Abaturanyi bazubaka inzu, kandi bayikosore mu buryo runaka, kuko izaba isa neza gato kuruta iy'umuturanyi we. Ni ibihe byose, turimo gushaka ikintu, kandi ikintu gikomeza kugenda hejuru yacyo. Umukobwa ukiri muto azabona undi mukobwa akunzwe cyane kumurusha. Umuturanyi azabona inzu isa neza kurusha iye. Umugore azabona undi mugore wambaye mu buryo runaka, busa neza kumurusha.

⁵² Ni ikintu muri twe, gishaka ikindi kintu, kandi cyerekana ko twazimiye. Turashaka kubona ko ikintu cyatuzanira icyatuma tunyurwa, ibyo bizuzuka aho hantu inzara iri, ariko bisa

nk'aho tudashobora kubibona. Abantu baragerageje kuva kera. Bararira. Barasakuza. Bakoze ibintu byose bazi gukora, ariko nyamara ntibabibonye, bazerera ku isi.

⁵³ Amaherezo, umunsi umwe, uwo ari wo munsi wa Kaluvari, hari Umwe wamanutse avuye mu Bwiza. Umwe, kubw'Izina rya Yesu Kristo, Umwana w'Imana, Waje avuye mu Cyubahiro, ndetse Kaluvari yashinzwe. Wari umunsi igiciro cyishyuye, kandi ikibazo cy'icyaha cyakemuwe burundu. Kandi yafunguye inzira igana kuri kiriya kintu dushonje kandi dufite inyota. Ibyo byazanye ahantu ho kunyurwa. Ntamuntu numwe wigeze usura Kaluvari, ngo ayibone uko yari imeze, iyo ishobora guhora ari yayindi. Ikintu cyose yigeze yifuza cyangwa yifuzaga, kirahura, iyo ageze aho hantu.

⁵⁴ Wari umunsi w'ingenzi, kandi ikintu cy'ingenzi, cyahungabanije isi. Cyanyeganyeye isi, nk'aho itigeze ihungabana mbere. Igihe Yesu yapfiraga i Kaluvari akishyura icyiru cy'icyaha, iyi si y'icyaha yari ifite umwijima. Izuba ryarenze ku gicamunsi, hari umwuka w'uburakari. Urutare ruranyeganyega, imisozi irashwanyuka, imirambo isohoka mu mva.

⁵⁵ Yakoze iki? Imana yahanze amaso, kuri Kaluvari. Yakomerekeje iyo nyamaswa yitwa Satani, ubuziraherezo. Noneho yarushijeho kugira ubukaka kuva icyo gihe, kuko byazanye Umucyo mu bantu. Kandi umuntu wese azi ko inyamaswa yakomeretse ari yo mbi cyane, yikubita hirya no hino n'uruguma rwayo. Noneho, Satani yashyizwe hanze, i Kaluvari. Isi yerekanye ko ari byo.

⁵⁶ Igiciro gikomeye cyarishyuye, kandi Uwashoboraga kucyishyura, yaraje abikorera i Kaluvari. Aho ni ho hishyuriwe igiciro gikomeye. Icyo ni kimwe muri ibyo bintu. Imana yari yarabisabye. Nta muntu wari ukwiye. Nta muntu wari ubishoboye. Nta muntu washoboraga kubikora. Kandi Imana yaraje, Ubwayo, yihindura umuntu, ibaho mu buzima bw'abantu, mu byifuzo by'abantu, ibambwa i Kaluvari. Kandi aho, icyo gihe Satani yatekerezaga ko Yo itabikora, Ntabwo yashatse kunyura muri ibyo, Yanyuze i Getsemani kandi nk'ikigeragezo cyose umuntu uwo ari we wese yahagararamo. Yanyuzemo nk'abantu bose, ariko yishyura ikiguzi.

⁵⁷ Kandi ibyo ni byo byirabuza isi. Byari nk'ikinya, ku gikorwa cyo kubaga. Iyo umuganga ategurira umuntu ikinya, abanza kumutegura, mbere y'uko abikora. Kandi ubwo Imana yatangaga i—igikorwa cyo kubaga ku Itoreri, isi yabonye ikinya, kamere yagize ihungabana. Ntibitangaje! Imana, mu mubiri w'umuntu, yari hafi gupfa. Yari isaha isi yashakishaga, nyamara benshi muri bo ntibabimenye.

⁵⁸ Nk'uko bimeze muri iki gihe, benshi bashakishije ibyo bintu, nyamara ntibabimenye. Ntibamenya inzira yo gusohoka.

Baracyagerageza gushaka ibinezeza n'ibintu by'isi, bagerageza gushakisha inzira.

⁵⁹ Hariho, ibimenyetso byinshi byerekana uwo muni, ibishushanyo byinshi bikomeye. Byari byashushanyijwe n'umwana w'intama, n'ikimasa, intungura, n'ibindi byose, ariko nyamara ntishobora kubihagarika. Ntibyashoboraga gusenya urwo rupfu, aho Satani yari yifatiye isi.

⁶⁰ Urutare nyine yigeze kugendaho, hejuru-hasi kw'isi, amabuye atwika! Lusiferi yari umuhungu wa mu gitondo, kandi yagenze kw'isi mu gihe yari ikirunga cyaka. Ayo mabuye amwe yari yamaze gukonja, igihe Yesu yapfiraga i Kaluvari, yatumburukaga mu butaka.

⁶¹ Igiciro cyarishyuwe, n'ubucakara bwa Satani buracika. Imana yasubije mu maboko y'umuntu, inzira yo gusubira mu byo yashakaga. Ntabwo yagombaga kurira. Yarakanze, igihe Yavunaga umugongo wa Satani, ahongaho i Kaluvari, inkingi y'icyaha, y'uburwayi! Kandi bituma ibiremwa byose bipfa, kw'isi, bigasubira Imbere y'Imana, hamwe n'ibyaha byababariwe. Haleluya! Ibyaha byacu birababariwe. Ntabwo Satani ashobora kutwirabuza ku Mana.

⁶² Hano hari umuhanda munini wakozwe. Hano hari telefone. Hano hari umurongo ugana mu Bwiza, uzana buri muntu wese ngo agere ku musozo w'uwo murongo. Niba umuntu yuzuye icyaha, umuhuriza hagati. Ashobora kubabarirwa icyo cyaha. Ntabwo ari ibyo gusa, ahubwo icyaha cyarishyuwe. Yoo! Ntimugomba kuvuga muti: "Ntabwo nkwiye." Ni ukuri, ntabwo ukwiye, nta n'ubwo uzigera uba ukwiye. Ariko Ukwiriye yafashe umwanya wawe. Ufite umudendeze. Ntugomba kuba inzererezi ukundi. Ntugomba kuba umugabo ushaka ibinezeza bya hano ku isi.

Kuberako hari Isoko yuzuye Amaraso,
Yakuwe mu mitsi ya Emmanuel,
Aho abanyabyaha barohamye muni
y'umwuzure,
Batakaza amakosa yabo yose.

⁶³ Ntimugomba kuzimira. Hano hari umuhanda munini, n'Inzira, kandi yitwa Inzira y'ubutungane. Abanduye ntibayirengaho. Kubera ko, inyura kw'isoko, bwa mbere, hanyuma ikinjira mu mu handa.

⁶⁴ Yaciye intege imbaraga za Satani. Yakinguye imiryango ya gereza y'ikuzimu, umuntu wese wari ufunzwe, kuri iyi si, muri gereza, atinya ibyo mu gihe yapfaga, urupfu rwaba iki kuri we. I Kaluvari, Yakinguye imiryango, maze imbohe zose ziridegembya. Ntimugomba kongera kurimburwa n'icyaha. Ntimugomba kongera gushora ingingo zanyu mu cyaha, mu kunywa inzoga, mu kunywa itabi, mu gukina urusimbi, mu kubeshya. Mushobora kuba inyangamugayo, abanyakuri,

kandi bagendera mu nzira zigororotse. Kandi Satani ntacyo ashobora kubikoraho, kuko mufite umurongo, umurongo w'Ubuzima wometse ku Urutare rw'Ibihe. Nta kintu gishobora kuguhungabanya. Nta muyaga ushobora kuguhungabanya. Nta kintu, ndetse n'urupfu ubwarwo, gishobora kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu. Ngicyo icyo Kaluvari bishatse kuvuga.

⁶⁵ Abagabo bahoze mu bubata bararekuwe. Abagabo bigeze gutinya urupfu ntibashobora kongera kurutinya. Umuntu wifuza Umujyi, uwawubatse n'uwawukoze, ni Imana, ashobora gufata umuhanda, maze akubura amaso akareba mu Ijuru, kubera ko yabohowe. Haleluya! Yaracunguwe. Ntakeneye kuzerera ukundi, kuko hariho uburyo bwo kumenya niba ufite ukuri cyangwa utagufite. Imana iduha Ubuzima. Ibyaha byacu byararangiyeye. Wa muni i Kaluvari yishyuye ikiguzi. Iyo twitegereje ibyo byose, tubona ko nta gitangaje umusizi yaranditse ngo:

'Hagati y'ibitare bisatagurika n'ikirere
cyijimye,
Umukiza wanjye yunamishije umutwe maze
arapfa;
Urusika rukinguka rwagaragaje Inzira
Kubw'ibyishimo byo mu ijuru n'umunsi
utagira iherezo.

⁶⁶ Aburahamu ntagomba kuzerera ukundi, mu gihugu cyose, ashakisha umujyi. Umunyabyaha ntagomba kwibaza ukundi, niba ashobora gukizwa cyangwa adakizwa. Umuntu urwaye ntagomba kwibaza niba ashobora gukira cyangwa kudakira. Urusika rukinguka, kuri uwo muni i Kaluvari, rwagaragaje Inzira yo kunesha kuzuye. Imana iduhe imbaraga z'Umwuka Wayo, kugira ngo tubeho tunesha ibyo bintu byose; idusaba kubyemera gusa. Ibyo byabaye kuri uwo muni i Kaluvari. Nta muni wigeze ubaho nk'uwo. Nta na rimwe hazabaho umunsi umeze nka wo. Ntibikenewe ukundi. Igiciro Cyarishyuye, kandi twaracunguwe. Imana ishimwe! Twaracunguwe. Nta kindi ugomba kwibazaho. Nta kindi watekerezaho. Byose byakuweho. Umwenda warakingurutse, none turi mu rugendo, ntukibaze ukundi, ariko kwizera no kubyitwaramo neza. Tugenda neza turi Imbere y'Imana.

⁶⁷ Aburahamu yari azi, abandi bababizi, ko mu gihe bashakaga Umujyi, bamenye ko bakomoka Ahandi hantu. Hari ikintu cyari cyarabaye. Babaga mw'isi yangiritse. Haje umutingito. Inkubi y'umuyaga iraza. Intambara n'ubwicanyi! Impyisi n'intama biraryana kimwe ku kindi, cyangwa impyisi ikarya umwana w'intama, intare ikarya ikimasa. Ntabwo bisa neza. Hariho ibitagenda neza. Yari azi ko hari ibitagenda neza. Abantu ndetse umuvandimwe akica umuvandimwe; se akica umuhungu we, umuhungu akica se. Hariho ibitagenda neza. Atangiye

gusaza. Arimo gupfa. Arimo kuma. Indwara imuriho. Ari mu bubata. Ibiti birakura, ariko ntibipfa. Barapfa. Imisozi irahinduka. Inyanja iruma. Amazi arakama. Hariho ibitagenda neza. Kandi yashakishije ahantu, Umujyi bitazongera kubamo ukundi. Yari azi, niba yashobora gusubira Imbere y'Uwabikoze neza, akabasha kubiganiraho na We.

⁶⁸ Yoo, mbega amahirwe, umunyabyaha, ni, muri iki gitondo, kumenya ko wabonye Inzira nonaha. Wa munsu i Kaluvari wafunguye inzira. Kuri bariya basogokuruza bose bahigaga bashaka, Kaluvari yarabahawe, ku buntu. Ni gute ushobora kubyanga? Ni gute ushobora kubyanga, kugira ngo winjire mw'idini? Ni gute ushobora kubyanga, kugira ngo ubisimbuze ikindi kintu, ibinezeza by'isi? Ni gute udashobora kubyemera? Umwenda ukinguye uzana umuntu Imbere y'Imana, nta cyaha kimuhama, icyo ari cyo cyose. Kandi igaca inzira imbere ye, ku kintu arimo gushaka: Ijuru, icyubahiro, amahoro, Ubugingo Buhoraho, byose imbere ye.

⁶⁹ Uwo munsu kwari u—ugukubita utababarira ku ruhande rwa Satani. Byarangije ibintu byose.

⁷⁰ Kandi nshobora kumubona We aho ngaho; Yari umwana w'intama wa Edeni, uhereye ku gicucu cya mbere ubwacyo.

⁷¹ Igihe Abeli, ku bwo kwizera, yatambiye Imana igitambo cyiza kuruta icya Kayini, agomba kuba yarahambiriye u—umuzabibu uzengurutse ijosi ry'umwana w'intama, akamukurura kugeza ku rutare. Yafashe u—urutare mu ntoki ze, kugira ngo akubitwe icumu, hanyuma akuramo umutwe muto kubw'icumu, baramutema baramukubita kugeza apfuye. Ubwoya bwe bwogejwe n'amaraso ye. Yinjiye mu maraso ye. Cyari igicucu.

⁷² Ariko kuri uriya munsu i Kaluvari, ntihariho umwagazi w'intama w'iyi si, ariko Umwagazi w'intama w'Imana, ni we wapfaga, wuzuye mu Maraso Yawo Ubwawo. Yarasuzuguwe, aratemagurwa, arakubitwa, acirwa amacandwe, arashinyagurirwa, arababazwa, kandi byose, abikorera n'isi, n'Amaraso atemba aya mu misatsi Ye.

⁷³ Igihe umwana w'intama wa Abeli yapfaga, yarapfuye, avuga mu rurimi Abeli atashoboraga kumva. Yaravaga.

⁷⁴ Kandi igihe Umwagazi w'intama w'Imana yapfaga uwo munsu i Kaluvari, yavuze mu rurimi ku buryo nta muntu n'umwe wamwumvaga. “Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?” Ni bwo Umwana w'Intama w'Imana, waciwe ibice, arakomeretswa.

⁷⁵ Yari umwana w'Intama nyine Abeli yatekerezaga, ubwo yabonaga Imbuto yasezeranijwe y'umugore. Yari umwagazi w'Intama uwo Daniyeli yabonye, yaciriwe ku musozi, adafite amaboko. Yari Ikiziga hagati y'inziga, kubw'umuhanuzi. Ibyo bari barabonye byose byahuye uwo munsu, uwo munsu i Kaluvari.

Ibyo byazanye ikintu gikomeye. Ibyo byavunnye umugongo Satani.

⁷⁶ Icyamba mbere, dukwiye gushaka ni icyo uwo muni usobanura. Icyamba kabiri, dukwiye kureba ni icyo uwo muni wadukoreye, noneho, icyo watumariye. Noneho, icyamba gatatu, reka turebe icyo tugomba gukora kuri uriya muni. Tugomba gukora iki?

⁷⁷ Icyamba mbere, dukwiye kubireba, kuko ni umuni ukomeye, ukomeye kurusha iyindi mu muni yose. Igiciro cy'icyaha cyarishyuye. Imbaraga za Satani zaracitse.

⁷⁸ Noneho turashaka kureba icyo tugomba gukora nk'igisubizo. Noneho, mubisubize, igihe Yesu yapfiriye i Kaluvari, kuri Kaluvari uwo muni, ntabwo yishyuye ikiguzi cy'ibyaha byacu gusa, ariko kandi Yishyuye ikiguzi aca inzira dushobora kunyuramo tumukurikira; kuri twe, nka Adamu waguye agacungurwa. Nk'uko Umwuka wayoboye Adamu (Adamu wa mbere) Kandi Umwuka, wagenzuraga ibyaremwe byose, noneho twe (Adamu wa kabiri), cyangwa abantu bo mu isi twacunguwe na Kristo, guhera kuri wa muni i Kaluvari, dushobora kumukurikira. Noneho, igihe yapfiraga i Kaluvari, yaciye inzira. Yaretse Umwuka, Umwuka Wera, woherejwe kw'isi, kugira ngo wowe na nyije tubane. Ni cyo Calvary bivuze kuri twe, kumukurikira.

⁷⁹ Ubwa mbere, nimurebe muri yo, murebe icyo yadukoreye. Noneho ubu tugomba gukora iki ku biyanye na yo? Tugomba gukora iki?

⁸⁰ Noneho, turavuga ngo: “Ni byo, Nyije—Nyije ndabyishimiye. Ni byiza cyane.” Ariko tugiye kubyemera. Kandi kubyemera, ni ukwemera Umuntu We, Kristo mu mitima yacu.

⁸¹ Noneho, twibohoye icyaha, kubw'ibyo rero nta ngoyi y'icyaha ituboshye, rwose. Mana, nk'uko tutari twigeze dukora icyaha, Igitambo cyuzuye cyatugize intungane. Kubera ko, Yesu yaravuze ati: “Ba intungane rero, nk'uko So wo mw'Ijuru atunganye.” Noneho, nta kindi kigomba gukorwa, ariko twagizwe intungane imbere y'Imana.

⁸² Noneho, hari aho twatakaje umwanya. Niba tutareba, tugerageza gusubiza amaso inyuma tukareba icyo twari cyo. Kandi igihe cyose dusubije amaso inyuma tukareba icyo twari cyo, Igitambo ntacyo kivuze kuri twe. Yoo, mbese ntibubibona, torero? Ntabwo nabikora. . . Ntabwo nagerageza akazi. Ntabwo nshobora, kandi na we ntushobora. Ntibikenewe ko tugerageza. Mwarazimiye, gutangira, igihe cyose murebye ibyo mwakoze. Ariko ntumukarebe ku byo mwakoze.

⁸³ Murebe icyo wa muni i Kaluvari wakumariye. Wishyuye igiciro cyawe. Byakemuye ikibazo. “Ibyaha byawe bitukura; mwahindutse umweru nk'urubura. Umutuku nk'inkaba y'amaraso; byera nk'ubwoya bw'intama.” Noneho nta cyaha ufite. Uri umwere rwose. Hatitawe ku cyo waba warakoze,

cyangwa icyo ukora, uracyari utagira icyaha. Igihe cyose wemeye Yesu Kristo nk'Umukiza wawe, ibyaha byawe birababarirwa. Ikintu cyose *kibabariwe* “gikurwaho kandi kikibagirana.”

⁸⁴ None yamaze iki? Iraguha, nyuma y'iyi miterere, Umwuka We, kugira ngo umukurikire, no gukora nk'uko yabikoze, ku bandi bari kumukurikira. Yari Umugabo umwe, Umuntu utunganye. Yatanze ubuzima Bwe, kandi yakubereye urugero. Noneho tugomba gukora iki?

⁸⁵ Noneho, ikintu cya mbere nshaka kuvuga, ni uko, Yesu atigeze abaho wenyine. Ubuzima Bwe yabutakaje kubera abandi. Ni byo, byuzuye, Ubugingo Buhoraho. Iyo uvuze ko ujya mu rusengero, ugakora ibintu byiza, ni byiza. Ariko iyo ubayeho ubuzima bwawe wenyine, ntuba ufite Ubugingo Buhoraho. Ubuzima bw'Iteka, ni ukubaho kubw'abandi. Yabigaragaje ubwo yazaga mu Mwana w'Intama w'Imana. Yabayeho, kandi afite Ubugingo Buhoraho, kuko Atabayeho ku Bwe. Yabayeho kubw'abandi. Kandi wakiriye Ubugingo Buhoraho, kubwo kwakira uwo munsu, kandi ntukibaho ku bwawe. Ubaho kubw'abandi.

⁸⁶ Umuntu umwe aravuga ati: “Ni gute ushobora kwihagararaho, ukareka umuntu wese akakwita amazina mabi nk'aya?” Ntabwo ubaho ku bwawe wenyine. Ubaho kubw'abandi, kugira ngo ucungure uriya muntu. Uhinduka abana b'Imana. Kandi ikibazo nyacyo, ni uko itorero ryibagiwe ko ari abana b'Imana. Uri umwana w'Imana. Urimo gufata umwana wa Kristo. Uri umwana w'Imana, ntukabeho wenyine. Baho kubw'abandi.

⁸⁷ “Ni byiza, mwene Data Branham, nshobora kubaho kubw'uyu mwene Data, kuko azi neza ko ari umuntu mwiza.” Ntabwo ari byo.

⁸⁸ Baho kubw'uriya muntu ukwanga. Baho kubw'uriya muntu wakwica niba abishoboye. Ni byo bamukoreye. Baramwishe, arapfa, kugira ngo abakize. Ubwo ni Ubugingo Buhoraho. Iyo, wowe, ibyo bigeze mu gituzo cyawe, uhura n'Ijuru noneho. Ariko utamba ibintu byawe bwite, bireke, nk'uko intama zitanga ubwoya bwazo. Murareba, mwerekeze kuri Kaluvuri.

⁸⁹ Nizere ko ibi bibafasha kugera ahantu. Ni cyo urusengero bivuze, ni cyo abantu bose, bagomba gukora, ni ukumenya icyo uri cyo, n'intego yawe. Itorero, ntabwo ari ukujya mu rusengero gucuranga gusa, kuririmba indirimbo. Itorero ni ahantu ho gukosorera. “Urubanza rutangirira mu nzu y'Imana.”

⁹⁰ “Tugomba kwibwira ko twapfuye, kandi turi bazima muri Kristo.” Noneho, Yaciye inzira aho dushobora kwitangira umurimo We, mu kumukurikira. Niba tumukurikira, tukaba tubaho ubuzima Yabayeho. Ni byiza cyane.

⁹¹ Yesu yarabivuze, arabivuga. Reka mbahe imirongo y'ibyanditswe. Mutege amatwi mwitonze. Ntimucikwe. Yesu

yavuze ko, kuri uwo Munki Azatandukanya abantu, nk'intama n'ihene. Kandi yari kubwira ihene ati: "Hagarara ibumoso." No kubwira intama ati: "Hagarara iburyo."

⁹² Nuko akabwira ihene ati: "Va iruhande Rwanjye. Kuko, nari nshonje, ariko ntiwangaburiye. Nari muri gereza, ariko ntiwansuye. Nari nambaye ubusa, ariko ntabwo wanyambitse. Nari mfite inyota, kandi ntabwo wampaye icyo kunywa. Nari ndwaye, kandi ntiwansuye. Noneho, mva imbere."

⁹³ Ku ntama, Yaravuze ati: "Nari nshonje, uragaburira. Nari nambaye ubusa, kandi umpa imyambaro. Nari ndwaye, unyitaho."

⁹⁴ Kandi ikitonderwa. Ibi ntibigucike, torero. Bika ibi mu mutima wawe, ubuziraherezo. Bizirikane cyane! Abantu ntibabikora nk'ibiri ku murongo w'inshingano. Hari umugabo waguhaye ikindi kintu, kuko agomba kubikora, umugabo ukugaburira kuko agomba kubikora, afite igitekerezo cyo kwikunda. Byakagombye kuba ubuzima bwawe bwa buri muni, ibikorwa byawe bya buri muni.

⁹⁵ Byatangaje cyane izi ntama, ku buryo zavuze ziti: "Mwami, wari ushonje ryari? Kandi ntitwakugaburira... Wari ushonje ryari, nuko turakugaburira? Ni ryari wari wambaye ubusa, nuko tuguha imyenda? Wari ufite inyota ryari, nuko tuguha icyo kunywa? Wari urwaye ryari, nuko tukwitaho?"

⁹⁶ Byahise bihinduka kubera urukundo, gusa Ubuzima bwawe bwari muri bo. Mana, reka abantu barebe icyo Kaluvari yabamariye, ku buryo byikora.

"Uhoraho, byabaye ryari? Ntabwo twigeze tubimenya."

⁹⁷ Nimurebe uko Yesu yahindukiye maze akavuga ati: "Nk'uko wabigiriraga aba ngaba, ni nje wabikorera."

⁹⁸ Ubuzima butarangwa no kwikunda; ntabwo ari igitekerezo cya kabiri. Kutabitekerezaho; ariko mwapfuye cyane ku bintu by'isi, kandi muri bazima muri Kristo, bityo mukagenda mu muhanda, uko ni ko ibintu byikora gusa. Mubikore gusa. Ntabwo mvuze ngo: "Ni byiza, none, Uwiteka yashaka, Mwami, urashaka ko mbikora." Ntabwo ari byo. Uri Uwe gusa. Umwuka We uri muri mwe, kandi mukora nk'uko yakoraga. Yoo! Murabona.

⁹⁹ "Hariho inzira isa neza neza n'umuntu, ariko iherezo ryayo ni inzira y'urupfu."

¹⁰⁰ "Ntabwo ari bose bavuga bati: 'Mwami, Mwami,' bazinjira yo, ahubwo ni abakora Ibyo Data ashaka," bivuye ku mitima yabo, gusa mu bwisanzure.

¹⁰¹ Noneho, wa muni i Kaluvari yishyuye icyo giciro, kugira ngo dushobore kumera gutya.

¹⁰² Ntimuvuge muti, "Urabizi, umupfakazi Jones igihe kimwe yari... Yabuze amakara, njya kumugurira amakara.

Ndabikubwiye, Nabonye umuvandimwe ukeneye ikositimu, ndagenda mushakira ikositimu yo kwambara. Imana ishimwe! Ndi Umukristo.” Yoo, Imana ihabwe icyubahiro! Wowe urikunda, umukene, umutindi. Uri indyarya.

¹⁰³ “Ntugatume ukuboko kw’iburyo kumenya icyo ukw’ibumoso gukora, n’ukw’ibumoso ntikukamenya icyo ukw’iburyo gukora.” Gusa rero ni uguhita upfa muri Kristo, kugeza ubikoze, uko byagenda kose. Ni kamere yawe. Ni ko uremwe. Urabikora, ibyo ari byo byose. Ni Ubuzima gusa bukubamo. Wiyeguriye rwose uwo Mwuka, kandi Utuye Ubwawo muri wowe. Yoo, urumva uwo Mwuka w’umugisha, ubwo Buzima! “Ntabwo ari nje uriho,” ni ko Pawulo yaravuze, “ahubwo ni Kristo uri muri nje,” birikora gusa.

¹⁰⁴ “Ni byiza, ndakubwiye, mwene Data Branham, turi Abakristo hano. Dufasha *abo* bantu. Turabafasha *abo* bantu.” Yoo, Imana ihabwe icyubahiro! Biteye isoni kuri mwe. Ibyo ntabwo ari Ubukristo.

¹⁰⁵ Ubukristo bwahise bugerayo. Bigomba gukorwa. Kandi mwibagiwe gusa, hafi ya byose, “Ntabwo ndi.” Genda, ubikore.

¹⁰⁶ Kristo yeguriye Imana ubuzima Bwe rwose. Yaritanze Ubwe, nk’umukozi, ukorera abantu. Yatanze ubuzima Bwe, mu bwisanzure. Ntabwo yagombaga kubikora. Ntiyari agambiriye kubikora. Ntiyavuze ngo: “Noneho bavandimwe, mwese mukwiye kuntekerezaho cyane, kuko naje kubapfira.” Ntiyigeze agira icyo abivugaho. Yafuye, uko byamere kose, kuko yari Imana muri We.

¹⁰⁷ Ni Imana muri wowe, ni Imana muri nje, ituma tureba abandi. Intama, ku ruhande rumwe.

¹⁰⁸ Umwe muri bo azavuye ati: “Mu by’ukuri, Mwami, *ibi* narabikoze. Kandi, Mwami, nakoze na *biriya*.”

¹⁰⁹ Yaravuze ati: “Muve imbere Yanjye, mwa nkozi z’ibibi mwe. Sinigeze mbamenya.”

¹¹⁰ Niba itorero ryashobora gushyika kuri ibyo bintu by’ibanze, ko atari ikintu ugerageza gukora, ukora wenyine. Ni ikintu cyavukiye muri wowe.

¹¹¹ Mbabarira, nshuti yanjye y’Umupentekote. Ndi umupentekote. Ariko inshuti zanjye z’Abapentekote zageze ahantu, aho zigomba kuba zagira u—umuziki wihuse cyane, abacuranzi mu matsinda amwe n’amwe, cyangwa gukoma amashyi, cyangwa kuvuza ingoma, kuzana urusaku. Ayo ni amarangamutima gusa. Bakinira mu matsinda mbere y’uko baja kurugamba. Binjiza abantu mu marangamutima y’urugamba. Nizera umuziki. Nizera gukoma amashyi. Ariko nizera ibyo bintu. Ni byo rwose. Tugomba kubigira.

¹¹² Ariko wasize ibintu bikomeye bitarangiye, n’ubuzima bwo kwitanga butuma Imana iba muri wowe, mu buryo gukora

igikwiye byikora kuko ari ukuri. Gusa komeza, ntugire icyo ubitekerezaho. Bibemo gusa. Noneho reba, urabona ibiri kuba. Wowe gusa...ntabwo...Uri mu nzira nyabagendwa. Ni byo Kaluvari yakumariye kuvuga kuri wowe, ku nzira, yaguciriye uwo muni.

¹¹³ Noneho, ibuka, ntushobora kuba igice kimwe ihene ikindi intama. Ntibivangwa.

¹¹⁴ Noneho, hari abantu benshi bavuga bati: “Yego, urabizi? Twakoze ishyirahamwe mw’itsinda ryacu. Twebwe, dufasha abakene. Dukora *n’ibi*.” Ni byiza, ariko urimo kubyigamba. Ntubikore.

¹¹⁵ “Mutange amaturo yanyu mw’ibanga,” ni ko Yesu yavuze. Mu buryo byikora, ikintu kuri wowe, kitarenze kugenda, ukajya gushaka amazi yo kunywa. Ufite inyota. Niba umuntu ukurikira afite inyota, nawe mutekerezaho nawe. icyifuzo cy’umuntu w’ukurikira akeneye, umutekerezaho kimwe nk’uko ubikora ku cyifuzo cyawe bwite. Kandi ntukabyiteho. Komeza.

Noneho, ntushobora kuba intama igice kimwe no ikindi ube ihene.

¹¹⁶ Niba rero uvuze, “Ni byiza, itorero ryacu rifite ishyirahamwe. Dufasha abakene, kandi *n’ibi* turabikora, kandi *biriya* na byo turabikora, kandi tunakora *n’ibindi*.”

¹¹⁷ Niba ufite ibyo ntugire ibyo bindi, Ubuzima bwa Kristo muri wowe, uraruhira ubusa. Yesu...Pawulo yaravuze, mu Abakorinto ba mbere 13, ati: “N’ubwo natanga ibyo ntunze byose kugira ngo ngaburire abakene, ndetse umubiri wanjye ugatwikwa nk’igitambo, ntacyo byamarira.”

¹¹⁸ Noneho, ibi biragoye, ariko ni Ukuri. Ugomba kugera kuri urwo rwego, ukamenya ibyo Kaluvari yakumariye. Turayitegereza, tukavuga tuti: “Yego, yego, ni byiza.” Ntabwo ari byo. Niba uriya Mwana w’Imana yaragombaga kujya i Karuvari, kubambwayo, umuhungu wese wari kuza yagombaga kujya i Kaluvari. Agomba kandi kugira Kaluvari. Ugomba kugira uwo muni wa Kaluvari. Ngomba kugira uwo muni wa Kaluvari. Ibyo ni byo bikemura ikibazo cy’icyaha. Ntabwo ari ugukora mu biganza by’umubwiriza; ntabwo ari ukwinjira mw’itorero witera hejuru; si ukwinjiramo witwaje urwandiko; witwaje umwuga. Ahubwo ni ukwinjiramo kubwo Kuvuka. Ntiyigeze atanga ibaruwa. Ntiyigeze atanga umwuga. Yarabyaye. Ni uko twinjiramo. Noneho, uhereye kuri ibyo, mu buryo bwikora turiho mu buzima bwa Gikristo.

¹¹⁹ Noneho, irindi jambo ryo kwitondera. Ihene igice kimwe, ikindi gice intama, ntabwo bafite ikintu nk’icyo. Uri ihene cyangwa se uri intama. Ntabwo uri ihene igice kimwe ngo ikindi gice ube intama. Waba ihene cyangwa intama.

¹²⁰ Noneho, niba ukora ibintu byiza gusa, ukibwira ko ushobora kwinjira, kubw'ibyo, noneho ntihakagombye kubaho umunsi wa Kaluvari. Amategako yarabiteganyaga. Ariko, kuba harafashwe umunsi wa Kaluvari, kwari ukuzanamo ibyo, ko tudashobora kuba abayobohe b'itorero gusa, ahubwo dushobora kuba abahungu n'abakobwa b'Imana. Ni byo umunsi wa Kaluvari wari wo. Ni cyo byasobanuraga kuri wowe, kugira ngo ukore, ukurikire, kandi ukore nka Yesu.

¹²¹ Noneho, uruzi ntirutemba rugana ruguru no hepfo, icyarimwe. Uruzi runyura inzira imwe gusa. Kandi Umwuka w'Imana ugana inzira imwe gusa. Ntabwo uvanga ibintu. Werekeza inzira imwe gusa.

¹²² Nimwitegereze Yesu, mu gusoza. Yesu yaravuze ati: "Imirimo Nkora namwe muzayikora, kandi muzakora iruta iyo nakoze, kuko njya kwa Data."

¹²³ Simvuze cyane-itorero hano. Murabyumva. Ariko ubu Butumwa bwafashwe amajwi. Ibihumbi mirongo barabwumva, ku isi yose.

¹²⁴ Ngiye gusubiza kiriya kibazo mbanegura, kano kanya. Nakunze kuvugwa... nabwiwe. Baravuga bati: "Kuki, wemera Bibiliya? Yesu yaravuze ati, 'Iyi mirimo nkora muzayikora namwe, kandi muzakora iruta iyi, kuko njya kwa Data.'"

¹²⁵ Ni gute ushobora kubibona nabi, mugenzi wanjye? Ni gute ushobora kubura kugenzura imyuka kugeza kuri urwo rwego, uzimiriye mu bwenge bwawe bwa tewoligiya, hamwe no kurebera ibintu byose mu bwenge? Nshuti yanjye nziza kandi yatakaye, ntushobora kumva ko iyi Bibiliya isobanurwa mu buryo bw'Umwuka?

¹²⁶ Yesu yashimiye Data ko Yabihishe abize, abahanga, abanyabwenge, n'abafite ubushishozi, nyamara abihishurira abana bato kugira ngo bagere i Kaluvari.

¹²⁷ Noneho rebaba. Yesu yaravuze. Reba uko Yabivuze. "Imirimo Nkora," Arimo kuyikora muri iki gihe. "Imirimo nkora ubu, gukiza abarwayi, kuzura abapfuye, guhumura amaso y'impumyi, iyi mirimo namwe muzayikora. Muzayikora niba munyizera. Murakora iyi mirimo. Noneho muzakora ibirenze ibyo, kuko njya kwa Data."

¹²⁸ "Igihe gito, kandi isi ntizongera kumbona ukundi, nyamara mwebwe muzambona. Nzabana namwe, ndetse mbe no muri mwe, kugeza ku mperuka y'isi. Sinzabatererana. Nzasenga Data; Azabohereza undi Mufasha, ariwe Mwuka Wera, uwo ab'isi batashobora kwakira; nyamara, mwebwe mushobora kumwakira."

¹²⁹ Noneho nimwitegereze. Umurimo "ukomeye," kwari ukugira Imbaraga mw'itorero, ntabwo ari ugukiza abarwayi gusa n'amasengesho, kwirukana amadayimoni kubwo gusenga,

ahubwo ni ugutanga Ubugingo Buhoraho ku bizera. Umwuka Wera yaraje, ashwirwa mu biganza by'Itorero, kugira ngo atange Ubugingo. Yoo! Ni cyo Kaluvari yashakaga kuvuga. Wafashe abagabo n'abagore b'abanyanteye nke, nuko urabazamurira, ubageza ahantu, kugira ngo babe abahungu n'abakobwa b'Imana, kugira ngo bakize abarwayi banatange Ubugingo Buhoraho; batanga Umwuka Wera ku bizera bumvira, abagabo bahoze batizera, bahinduka abizera, kandi, batanga Ubugingo Buhoraho.

¹³⁰ Mbega ukuntu bitangaje: Kuvuga ngo "Uyu mugore urwaye uryamye hano, nshobora gusenga isengesho ryo kwizera kandi agakira," icyo ni ikintu gikomeye, ni cyo yakoraga icyo gihe; "ariko," ati: "Ibiruta ibyo muzabikora; Ngiye kuguha Imbaraga, ntabwo ari ukukuzamurira igihe gito, ahubwo kuguha Ubugingo Buhoraho, buzahoraho, ubuziraherezo."

¹³¹ Abakene, impumyi, abantu babi, wabibura ute? Ntubona "ugukomera" kw'icyo kintu? Ni cyo kintu cyari gikomeye cyashoboraga kubaho, guha abantu Ubugingo Buhoraho. Ubugingo Buhoraho ni iki? Ubuzima Yabayemo, Ubuzima bwari muri We, abuha abandi. Hari umuntu ushobora kubikora? Umwana w'Imana ni we ushobora kubikora.

¹³² Yesu yaravuze ati: "Umuntu wese Muzababarira ibyaha, azabibabarirwa; hatitawe ku byaha wakoze byose, bo barabibabariwe."

¹³³ Noneho hano ni ho kiliziya Gatolika n'abandi benshi bakoze amakosa yabo akomeye. Barasohoka bakavugaga bati: "Nkubabariye ibyaha byawe." Ntabwo ari byo.

¹³⁴ Ni gute wababariwe ibyaha, muri Bibiliya? Petero yashubije icyo kibazo, ku Muni wa Pantekote. Baravuze bati: "Twakora iki kugira ngo dukizwe? Ni gute dushobora kubona Ibi mwese mwabonye?" Yashyizeho ibyo yanditse. Yababwiye icyo gukora.

¹³⁵ Yaravuze ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, ku Mana, kandi mubatizwe mw' Izina rya Yesu Kristo." Kubera iki? Kugira ngo mubone kubababarirwa ibyaha byanyu. Hariho "umurimo ukomeye" ukorwa.

¹³⁶ Ni bangahe, mwa babwiriza mwe muri iki gitondo, bangahe, mwebwe mwumva Ijambo ryanjye kuri kaseti manyetiki, bafite ubushake bwo kujya i Kaluvari muri iki gitondo? Kandi nimurebe ibyo Imana yabakoreyeyo. Kandi mureke imyizerere yanyu, kandi mwamamaze Ubutumwa bwiza. Haleluya! Ni ku mavi yanyu noneho. Ni iki mugiyeho gukora?

¹³⁷ "Kubera ko kwihana no kubabarirwa ibyaha bigomba kubwirizwa mw'Izina Rye, kw'isi yose, uhereye i Yerusalemu." Haleluya! icyubahiro kibe icy'Imana! Nguko.

¹³⁸ Kaluvari isobanura iki kuri wowe? Uwo muni wakumariye iki? Ese wakubujije uburyo, kubera tewolojiya? Mbese

yakudodeye umwambaro ukwiye? Cyangwa yakugize Umukristo, byimazeyo? Haleluya!

¹³⁹ icyaha, cyakuweho! “Muzakora Imirimo ikomeye irenze iyi.” Murabona abo ba “mwebwe” abo, muri bo? “Tbikorwa bikomeye kuruta ibindi,” gukuraho ibyaha, mw’Izina rya Yesu Kristo.

¹⁴⁰ Ariko ni ukubera imihango y’amadini, n’ibindi, irabahambiriye kugeza ahantu, mugikorera isi. Mbwira umugabo uwo ari we wese, mbwira umugore uwo ari we wese, ushobora kugera i Kaluvari akagerageza kuba umuntu ukomeye kuko hari umuntu wagize icyo avuga. Mbwira aho ushobora kwitegereza Kaluvari imbere, mu mucyo wayo, wa munsu i Kaluvari. Ni gute ushobora kugira umunsi wawe i Kaluvari, hanyuma ugasohokana umwambaro utunganye? Ni gute ushobora guhinduka igikoreshe cy’idini runaka, hanyuma ukamamaza inyigisho zakozwe n’abana b’abantu? Kuki bitagucisha bugufi kw’Ijambo ry’Imana? Niba warigeze kujyayo, uzavayo wicishije bugufi. Ni gute ushobora kwifuza kuba umuntu ukomeye cyangwa se umuntu mukuru mw’idini ryawe, kugira ngo wishakire icyubahiro runaka, mu gihe Yesu Kristo Umwana w’Imana yicishije bugufi Ubwe umubiri we ugashanyagurwa, mu maso he huzura amacandwe, yambara isoni n’ishozi? Bamwambura imyenda, baramubamba, imbere y’isi. “Gukorerwa ibiteye isoni.” Ni gute ushobora kujya i Kaluvari ukavayo utandukanye n’uko We yari ameze, ateye ishozi, isoni?

“Oh,” uravuga uti: “bazanyirukana bante hanze.” Reka bakwirukane.

¹⁴¹ Mugire umunsi wanyu i Kaluvari, Imana nayo izakora ubushake Bwayo hamwe namwe. Reka nongere mbisubiremo. Mugire umunsi wanyu i Kaluvari, Imana izakora ubushake Bwayo hamwe namwe.

Mureke dusenge.

¹⁴² Mwami, Mana, twese tujyane i Kaluvari nonaha. Reka twikureho ubwacu, Mwami, ubwoba bw’abantu, ubwoba bw’ibyo undi muntu avuga. Kuki, isi yose yamusetse, ikamusebya. Ariko yarumviye, kugeza gupfa. Yarumviye, kugeza asuzuguwe. Yarumviye, kugeza ndetse no mu nzego z’ubutegetsi bwa leta.

¹⁴³ Kandi tuzi ko igihe Satani yakubitaga iyi si, yabaye umutware n’umuyobozi utegeka kuri iyi si. Ibyo yabihamije imbere y’Umwami wacu, yaravuze ati: “Ubu bwami ni ubwanjye. Nzabukoresha icyo nzashaka.” Kandi tuzi ko, kuva uwo munsu kugeza uyu munsu, iyi si, iri munsu y’umuvumo, yayobowe n’uwayivumye.

Ariko, Mana, Yoo Mana, twebwe dukorera Ubwami butavumwe.

¹⁴⁴ Data Mana, mbega ukuntu bitangaje, kuba warakoze ibintu bikomeye mu—mw'ishusho y'umunsi. Kureka aya mashusho akomeye, nk'*Amategeko Icumi*, n'ibindi, asohoka, kugira ngo abagabo n'abagore babone, ibyo ntibyari no gucura umwijima mu muryango w'itorero, ariko nibarebe icyo ari cyo. Inzira y'Imana ni inzira yanzwe, n'isi. Kubera ko tumeze nka... Twinjiye mu Burusiya buyobowe mu buryo bwa gikomunisiti.

¹⁴⁵ Turi kuri iyi si, ariko ntabwo turi ab'iyi si. Twagiye i Kaluvari. Twaribambye ubwacu ku musaraba, kubw'Ubwami bw'Imana, kugira ngo tube bamwe mu bo muri bwo. Nta kibazo isi ivuga, dufata inzira hamwe na bake basuzuguritse b'Umwami. Turakomeza twerekeza ku muzuko, kandi twizera ko igihe cyegereje, Mwami, kugeza igihe tuzazukira mu Bwami buzafata iyi si. Nk'uko Daniel yabibonye, kandi byashenye isi yose, mo ibice bito, n'umuyaga uhuha hasi mu mpeshyi. Ariko, umusozi, Ikibuye cyarakuze kiba umusozi munini utwikiriye isi. Icyo Kibuye kizaza. Mana, turashaka kubigiramo uruhare. Reka twiyange, dufate umusaraba wa buri muni, tubeho kubwa Kristo, tubeho kubw'abandi. Biduhe, Mwami.

¹⁴⁶ Hano hari bamwe muri iki gitondo, kandi batamuzi nk'Umukiza, kandi bashaka kwibukwa mu masengesho asoza, kandi nkaba nifuza ko uyu waba umunsi wanyu namwe i Kaluvari, mwazamura ibiganza, mukavuga muti: "Munsengere, mwene Data Branham. Ndashaka kumumenya nk'Umukiza wanjye." Imana iguhe umugisha, musore mugenzi wanjye. Hari undi? Imana iguhe umugisha, mwene Data hariya inyuma.

¹⁴⁷ Haba hari undi muntu? Vuga uti: "Ndashaka kumumenya. Ndashaka ko uyu uba umunsi w'i Kaluvari, kuri nje. Ndarwaye kandi ndarushye. Bimaze iki kudaha agaciro ikintu navukiye gukora? Navutse, mvuka ndi umwana w'Imana, none ndi hano ndikwibanda ku bintu by'isi. Mana, reka mbambwe uyu muni. Reka nibambe, uyu muni, nje ubwanjye n'ibitekerezo byanjye, kugira ngo mbane na Kristo, kandi mbeho kubw'abandi. Nta kibazo icyo bankorera cyose, kunseka, no kuntoteza, bakambwira ibibi byose, n'ibindi, reka nigendere nicishije bugufi, kandi noroheje, nk'umwana w'intama, nk'uko We yabigenje. Umunsi umwe, Yansezeranije kuzongera kunzura, ku Muni wa nyuma. Ndashaka uwo Muni." Haba hariho undi uzamuye ikiganza? Imana iguhe umugisha inyuma hariya, nawe. Ni byiza. Bamwe mu bandi... Imana iguhe umugisha. Imana iguhe umugisha. Abandi, mbere y'uko dusenga.

¹⁴⁸ Data wa twese wo mw'Ijuru, byavuzwe, igihe Petero yabwirizaga ku Muni wa Pantekote, "Nk'uko benshi mu bizeraga bongerewe mu Itorero." Bizeraga rwose n'umutima wabo wose. Aba bantu bazamuye ibiganza gusa, nizera ko bizera n'umutima wabo wose. Niba kandi bafite, hano hari ikidendezi cy'amazi gitegereje hano. Barashaka ko ibyo byaha byabo bibabarirwa. Hano hari umuntu ushobora kubabatiza

muri iryo Zina, n'Izina ryonyine riri muni y'Ijuru ryatanzwe mu bantu, kugira ngo dukizwe.

¹⁴⁹ Kubera ko, nk'uko nasubiyemo Ibyanditswe mu gihe gito gishize, ko, "Kwihana no kubabarirwa ibyaha bigomba kubwirizwa mu Izina Rye, kw'isi yose, uhereye i Yerusalemu." Kandi i Yerusalemu, igihe babwirizwaga kwihana no kubabarirwa ibyaha, intumwa yababwiye Ibyanditswe, ivuga ko bagomba "kwihana, ni byo bibanza, hanyuma bakabatizwa mw'Izina rya Yesu Kristo." icyo cyari igikorwa kigomba gukorwa n'umubwiriza. Kugira ngo bihane, na we ababatize kugira ngo bababarirwe ibyaha byabo. "Abo muzababarira ibyaha, kuri bo bazabibabarirwa; abo mutazababarira ibyaha byose bazabigumana."

¹⁵⁰ Data, ni gute isi itigeze yikuramo uburakari nk'ubwo bafite? Ni kuki batizera Ubutumwa Bwiza? Ndetse babushyiraho, inyongera, kugira ngo basimbuzwe: amazina y'ibinyoma, umubatizo w'ikinyoma, umubatizo w'Umwuka Wera w'ikinyoma, guhana ibiganza n'abakozi b'Imana, ukoresheje amazina y'icyubahiro ya Data, Mwana, Umwuka Wera, ataboneka mu Byanditswe; inyandiko yakozwe n'abagabo b'Abaroma, ntabwo ari inyigisho za Gikristo nta hantu na hamwe ziri muri Bibiliya. Gukuraho ibyaha ntibishobora gukurwaho binyuze mu mazina y'icyubahiro, ariko binyuze mu Izina rya Yesu Kristo.

¹⁵¹ Noneho, Data, tuzi ko bidakunzwe cyane. Inzira zaweho zimeze gutyo. Ariko reka abagabo n'abagore, muri iki gitondo, baze kuri wa muni, wa muni i Kaluvari. Aho, Yesu, asuzugura uwo muni, isoni, kwambikwa ubusa, gukubitwa ibice by'umubili, gucirwa amacandwe, no gusekwa; n'isi yose, n'itorero, n'abantu bari bakwiye kumukunda. Kandi, muri ibyo byose, ntiyafunguye akanwa Ke, aragenda apfira abo bantu bamusebya.

¹⁵² Mana, tuyane i Kaluvari muri iki gitondo. Niba kandi bavuga ko twasaze, bavuga ko twumvise Ibyanditswe nabi, icyo bashakira kuvuga cyose, Mana, ntibashobora kwihagararaho Imbere y'Imana ngo bavuge ko atari byo.

Ntibashobora gupfukirana ibyaha byabo bifashishije Bibiliya. Bibiliya ihishura ibyaha byabo: kutizera kwabo; gukundwa; gukora nk'abandi bantu benshi. Reka baze i Kaluvari muri iki gitondo.

¹⁵³ "Kandi uhereye i Yerusalemu; ko kwihana no kubabarirwa ibyaha bigomba kubwirizwa mw'Izina Rye amahanga yose, uhereye i Yerusalemu."

Reka batere iyo ntambwe nabo intambwe yo kubambwa kugira ngo babe; abatotezwa; abasekwa; kandi bitwa ibintu byose bashobora kwitwa mu murongo w'abigometse kw'idini; basebya amatorero; ibyo bashakira kubita byose.

Reka, Mwami, muri iki gitondo, dufate inzira twifatanye n'Umwami wasuzuguwe. Reka tugende nk'uko intumwa zabigenje, ntiduhindukire iburyo cyangwa ibumoso, kandi kubw'ibyiza by'imitima yacu dukorere Imana. Byemere, Data.

¹⁵⁴ Noneho, kiza abarwayi n'abababaye baza ku murongo w'amasengesho. Reka aba bazamuye ibiganza, mu mitima yabo, bihane, nonaha. Turifuza ko abahagaze inyuma cyane, barukira mu mazi kandi bakabababarirwa ibyaha mw'Izina ry'Igitambo, Yesu Kristo, Umwana w'Imana. Amina.

Hasi ku musaraba aho Umukiza wanjye
yapfiriye,
Hasi hariya kubera kwezwa ibyaha nararize;
Aho amaraso yasizwe ku mutima wanjye;
Icyubahiro Cyе...

Icyubahiro kube icy'Izina Rye!
Yoo, icyubahiro kube icy'Izina Rye!
Yoo, Amaraso yasizwe ku mutima wanjye;
Icyubahiro kube icy'Izina Rye!

Mu buryo buhebuje nakijijwe icyaha, (Ni gute?)
Yesu aguma imbere cyane atuje,
Hano ku musaraba aho We... (Ba umwe mu
Be)...mu;
Yoo, icyubahiro kube icy'Izina Rye!

Icyubahiro kube icy'Izina Rye!
Icyubahiro kube icy'Izina Rye! (Izina
ry'agaciro!)
Yoo, aho...umutima wasizweho Amaraso;
Icyubahiro kube icy'I...

¹⁵⁵ Mbese ibyo ntacyo mwumva bibunguye? Gusa mumwiyegurire. Shyira ibyiringiro muri wowe: Ubugingo, Ubugingo bw'Iteka.

¹⁵⁶ Ni ki "kubambwa hamwe na Kristo"? Ni ukubaho kubw'abandi. Abandi bwoko ki? Abakwanga, abatakwifuza, abaguseka: ubeho kubwabo; mubane na bo; ubakunda; "usengera abakoresha n'ubwo bagukoresha, bavuga uburyo bwose bw'ikinyoma cya sekibi, kubw'inyungu z'Izina Ryanjye. Batoteza abahanuzi babayeho mbere yawe."

¹⁵⁷ Natekereje ko ubutumwa bushobora gufasha itorero muri iki gitondo, ko wabona ko dukeneye Kaluvari, dukeneye kubambwa.

¹⁵⁸ Ubu byose bikorwa n'iki? Byose byarishyuwe. Mushiki wacu mu kagare k'abamugaye, ku bantu bari hano barwaye kandi bababaye: Byose byarishyuwe; ikintu kimwe ugomba gukora ni ukwemera ko ari ibyawwe; byemere mu buryo bumwe, kandi uzakira.

159 Nimwibuke: Noneho ni ibiki? Ushobora kujya mw'isi, kwamamaza Ubutumwa bwiza, ugakiza abarwayi; kandi ugatanga Ubugingo Buhoraho.

Byaba bingana iki: bya, hari umugabo uryamye hano—afite ibibyimba, kanseri, ibyo ari byo byose. (Twamubonye inshuro nyinshi atanga imigisha Ye kandi akiza umugabo, akiza umugore; inshuro ibihumbi gukuba ibihumbi n'ibibazo bidakuka kw'isi yose, murareba, babakuye mu bitanda, kuri burankari; igicucu cy'abantu barya barwaye kanseri; uyu munsu, abantu beza, bafite ubuzima bwiza.) “Iyi mirimo nkora namwe muzayikora; ndetse muzakora iruta iyi”: “iruta iyi,” ni byiza.

Ni ki? Nabahaye kwaguka k'ubuzima, binyuze mu Izina' rya Yesu, kugira ngo bongere ubuzima bwabo iminsi mike.

Ariko, “Muzakora ibirenze ibi: muzabaha Ubuzima bw'Iteka binyuze mw'Izina Ryanje.” Yemwe yemwe!

160 Kuki Mwagira isoni z'iryo Zina ry'igicro? Kuki abantu babyirinda bakabigendera kure? Ni satani. Rwose.

161 “Kwihana no kubabarirwa ibyaha bigomba kubwirizwa mw'Izina Rye mw'isi yose, uherye i Yerusalemu.” Hano ni ho Ubutumwa bwatangiriye mbere. Ni byo? “Kwihana no kubabarirwa ibyaha bibwirizwa mw'Izina Rye, uherye i Yerusalemu.”

162 Noneho, ubanza, tuzakora nk'uko Yabikoze: tugira amasengesho yo gukiza abarwayi.

163 Ubutaha, tuzagira impano ikomeye: Amazi arateguye, hano inyuma, ku bantu bose bashaka kubatizwa (hano hari imyenda ku bagore, imyenda hano ku bagabo), ahagaze yiteguye guhanagura ibyaha byawe; kuko wibuke, ko ushobora guhanagurwaho ibyaha ukurikije inyigisho za Bibiliya. “Kubera ko nta rindi Zina munsu y'Ijuru ryatanzwe mu bantu, aho ugomba gukirizwa.”

164 Pawulo yahuye na bamwe bari bamaze kubatizwa. Baari barimo gutaka, bafite intsinzi. Aravuga ati: “Wabatijwe mubatizo ki?”

Baravuga bati: “Uwa Yohana.”

Aravuga ati: “Yohana yabatije umubatizo wo kwihana.” Noneho, mwumve neza ibi: kwihana, ntabwo ari ukubabarirwa ibyaha. Ni bangahe babyumva? Ntabwo ari ukubabarirwa ibyaha. Bari barabatijwe rwose, uwo kwihana. Bari barihannye: “Yego, mugenzi, narihannye. Njyewe, nizera ko We aje.” Barabatijwe *mu ukwihana*; ibyo ni ukuvuga, “kwizera Umwami Yesu Kristo.”

165 Noneho bumvise ibi (ko Igitambo kimaze kuza), barongeye barabatizwa, mw'Izina rya Yesu Kristo. Nuko amaze kubarambikaho ibiganza, bakira Umwuka Wera; kandi bavuze mu ndimi kandi barahanura.

¹⁶⁶ None, ni gute ugiye guhindura ibyo Byanditswe? Ushyira urutoki rwawe ahantu hamwe muri Bibiliya aho umuntu uwo ari we wese yababariwe ibyaha bye, mu Isezerano Rishya, kandi yigeze kubatizwa mu bundi buryo ariko mu Izina rya Yesu Kristo.

¹⁶⁷ Nyereka ahantu hamwe muri Bibiliya aho umuntu uwo ari we wese yigeze kubatizwa mw'Izina rya Data, Umwana, n'Umwuka Wera. Cyangwa unzanire ku meza yanjye amateka, y'itorero ryerekana aho umuntu wese yabatijwe mw'Izina rya Data, Umwana, n'Umwuka Wera, kugeza mu myaka magana atatu na nyuma y'imyaka y'urupfu rw'intumwa ya nyuma, igihe kiliziya Gatolika yategurwaga.

¹⁶⁸ Noneho, Mfite Ababyeyi *ba Pre-Nicene*, n'aba... abanyamateka bose, n'ibintu byose, neza mu byigisho byanjye: amateka ya kera cyane, yejeje kw'isi; ibimenyetso simusiga gusa dufite.

¹⁶⁹ Soma Abashyitsi *Bacu bo ku Cyumweru*, cyangwa gatigisimu ya kiliziya Gatolika, maze urebe, icyo bavuga: "Bamwe mu Baporotesitanti birashoboka ko bazarokoka, kubera ko bunamiye inyigisho za Gatolika: Kubera ko Bibiliya yabo ivuga ngo, 'kubatiza mw'Izina rya Yesu Kristo,' ariko twakuyeho ibirori by'Izina rya Yesu,' hanyuma dushyiraho 'Data, Umwana, Umwuka Wera,' " kandi barabyemera.

¹⁷⁰ Noneho, nyereka Ibyanditswe binyuranye n'ibyo, ngaho ni ko bimeze, kandi nyamara, isi irabyubahiriza neza. Kubera iki? Ntabwo bigeze bagera i Karuvari. Ni ko bimeze. Ntacyo bigeze babona.

¹⁷¹ Bazaguseka baguhamagare...ndetse bazaguhamagara ngo, "Uwera wivuruguta hasi," "Yesu gusa," n'ayo mazina yose y'abafana bashobora kukwita. Ni irihe tandukaniro rituma bakwita gutyo? Bakoze iki...Yita ku byo bamwitaga? Yabambwe ku musaraba. Yabayeho ku bw'Imana, kandi Imana yonyine. Niba kandi uwo Mwuka umwe, wari muri We, ari wo uri muri wowe, uzagutera gukora ikintu kimwe: kwitwa Izina Rye. "Ibyo ukora byose" (ni ko Bibiliya ivuga) "mu magambo cyangwa mu bikorwa, byose ubikore mw'Izina rya Yesu, ushimira Imana."

¹⁷² Wakura he iyo nyabutatu, inyigisho za gipagani? Bitewe na gatigisimu, ntabwo bivuye muri Bibiliya. Ijambo "ubutatu" nta n'ubwo rivugwa mu Byanditswe byose kuva mw'Itangiriro kugeza mu Byahishuwe. Nta kintu nk'icyo kirimo. Nta kintu na kimwe nk'imana y'ubutatu. Ni Imana, Imana yonyine, Imana imwe. Yahoze ari Imana imwe. Yakoze imirimo itatu: Yigeze kuba Data, ku bwa Mose. Yakoreye rimwe mu mubiri, nk'Umwana, Yesu. Ubu akora nk'Umwuka Wera. Ariko ni Imana imwe. Imana imwe, ntabwo ifite amazina atatu. Imirimo itatu, imitwe itatu mw'Izina rimwe: Yesu Kristo.

¹⁷³ Ikintu cyose gitandukanye n'ibyo ni igipagani; kandi ndasaba umuntu kubyerekana, niba ntabwo. Ibyo ni ukuri. Naravuze ko imyaka n'imyaka myinshi, kandi nta n'umwe wabifashe, nyamara (Murareba?), Kubera ko bidashoboka. Nabonye...dore Bibiliya, ubanza; kandi hariho amateka ya kera yo kwerekana neza ko ari ukuri. Ese kuki satani akora ibitunganye...? Njye...Ni byiza, Bibiliya yavuze ko bari kumera gutya: "Ni gute bashobora kuza, keretse mbashushanyirije?" Ibyo ari byo byose ndabizi. Ni byo Yesu yavuze, nuko...

¹⁷⁴ Simvuze ngo bibe...Niba narabivuze, nkamamaza ubutumwa nk'ubu, naba ndi indyarya igayitse muri mwe. Ni byo. Ndabivuze kubera ko Ni ukuri kandi Ni ubuzima. Ababatijwe muri Kristo, bambara Kristo. Bafite Ubugingo, kubw'Izina Rye.

¹⁷⁵ Dusenga mw'Izina Rye, dushakisha mw'Izina Rye, tubwiriza mw'Izina Rye, tubatiza mw'Izina Rye, tubaho mw'Izina Rye, dupfa mw'Izina Rye, tujya mw'Ijuru mw'Izina Rye, tuzuka mw'Izina Rye. "Umuryango wose wo mu Ijuru witwa Yesu." Bibiliya yabivuze itya: "Umuryango wose wo kw'isi witwa Yesu." Yaravuze ati: "Naje mu Ba..."

Uravuga uti: "Ni byiza, ni Izina rya Data."

Data ntabwo ari izina, ni icyubahiro. Yaravuze ati: "Naje mu Izina rya Data, ariko ntabwo mwanyakiriye." None, Ni irihe Zina Yajemo? Yoo. Rwose, "...ariko ntabwo mwanyakiriye."

¹⁷⁶ Hano rero urahari; ni byiza, yego, byahishwe amaso y'abanyabwenge n'ubushishozi. Ni ukuri, byanze bikunze, yoo.

¹⁷⁷ Kandi hejuru mu Byahishuwe, nk'uko twabyigishije ejubundi: hari itorero rya kera ry'indaya, ari ryo shyirahamwe rya mbere; hanyuma ikagira agatsiko k'abakobwa bavutse muri yo. Bakora ibintu bimwe, ingeso zimwe. Yahushye bese muri Babuloni, inzira imwe, hamwe na...hamwe n'itorero rya Roma n'ishyirahamwe ry'amatorero ya—y'amahanga; kandi ni ho ari, bese bazunguruka, bese mu bintu bimwe, ubwato bumwe.

¹⁷⁸ Ariko Itorero ry'Imana (Haleluya!), Ni Itorero ryahamagariwe gusohoka, ryaratandukaniywe. Itorero ryubatswe rite? Uzabimenya ute? Ni gute ushobora kumenya ko ari ukuri? Iyo Imana ikuguhishuriye. Ni gute—ni gute Abeli yamenye ko ari umwana w'intama aho kuba pome? Byaramuhishuriye: "Kubwo kwizera Abeli yatambiye Imana igitambo cyiza cyane."

¹⁷⁹ Yesu aramanuka, ku Musozi wo Guhindurirwaho maze aravuga ati: "Abantu bavuga ko Ndi inde?"

Bamwe baravuze bati: "Uri Eliya," "Mose," n'abandi.

Aravuga ati: "Ariko ndababajije, 'Mwebwe muvuga ko ndi inde?'"

Petero aravuga ati: “Uri Kristo, Umwana w’Imana nzima.”

¹⁸⁰ Yaravuze ati: “Ntabwo wigeze ubyiga...” Ubundi (ndabivuze, ntabwo ari binini, ahubwo ni ukumanura ingingo): “Ntabwo wigeze wiga ibi mu iseminari imwe; umugabo runaka ntabwo yigeze akwigisha ibi; ariko Data uri mw’Ijuru, yarabiguhishuriye: ko NDIHO (ntabwo ndi Data, Umwana, n’Umwuka Wera, ahubwo, Ndi Yesu Kristo). Kandi kuri uru rutare (Ni uruhe rutare? Rwa rundi Abeli yagiyeho; kuri urwo rutare rumwe.), kuri uru rutare, ni ho hari Ukuri guhishuwe kw’Imana, ni ho nzubaka Itorero Ryanjye, kandi amarembo y’ikuzimu ntashobora na rimwe kurinyeganyeza.” Ni byo. Baragerageza, ariko ntibazigera batsinda. Murareba?

¹⁸¹ Gusa rero jya i Kaluvari, ubambwe, ugaruke, kandi ufate inzira hamwe na bake basuzuguritse b’Uwiteka, komeza.

¹⁸² Noneho, Mwami, tukweguriye byose. Sinzi, ibiri hano, hanyuma y’iri tsinda. Nta gitekerezo cyo kuba nabimenya, Mwami, keretse wabihishuye. Noneho, Data Mana, ntabwo ngusaba kubikora. Gusa nabyeguriye abantu. Barahari. Reka iyi ibe Kaluvari nyayo muri iki gitondo; bibe ubambwaa nyako ku bushake, no kwifuza kwacu, no mu bintu bikomeye by’ubuzima.

¹⁸³ Reka abantu bicishe bugufi, kandi bafite ubushake bwo gukomeza inzira hamwe n’Umwami wasuzuguwe. Reka bagende bicishije bugufi. Nibavukire muri ubu Bwami, ubwo Bwami bukomeye bw’Imana, ari bwo mubiri w’umwuka, umubiri w’ijuru wa Kristo kw’isi: “Kubw’Umwuka umwe twese twabatijwe mu mubiri umwe.”

¹⁸⁴ Bikore, Mwami. Byaba umukara, umweru, umuhondo, umutuku, ibyo ari byo byose, umugabo cyangwa umugore, umurunga cyangwa umudendezo: twese twaremewe kunywera ku Mwuka—umwe.

¹⁸⁵ Byemere, Data, kandi bibe hamwe...muri benshi, muri iki gitondo, kandi basobanukirwe; Ushobora kwagura imyumvire yabo. Noneho, bizamera nk’umunsi mushya kuri bo: izuba rizamurika, kandi urumuri rubi rwa tewolojiya yakozwe n’abantu ruzajya kure, kandi Umucyo w’Imana uzamurika mu nzira zabo, maze uce umwenda ukingirije rwa Rumuri rwiza. Kandi bashobora kugendera mu nzira yera, noneho, babeho kubw’abandi, nk’uko Kristo yabigenje.

¹⁸⁶ Noneho ubwo tuzanye umurungo w’amasengesho, Ndabasengera ngo Usige amavuta abakozi Bawe muri iki gitondo, twese, nk’uko dusengerana, bamwe ku bandi. Kandi utange, uyu munsi, kugira ngo umuntu wese urwaye unyuze ku murungo w’amasengesho ashobore gukira. Nibagaruke, nk’umwana w’umukobwa ufite amaso y’ikigina, n’umwana w’umuhungu, na...n’uriya mukecuru, na—na mwene Data Wright, na benshi mu baje hano, Mwami, hamwe n’imibabaro n’indwara n’ikintu abaganga batashoboraga gukiza; kandi bari

hano uyu muni (hafi icyumweru gishize), kandi hano bari, neza, uyu muni.

¹⁸⁷ Mana, reka abagabo n'abagore banyure muri uko kwizera, bazi ko bagiye i Kaluvari kubambwa ku byo bibwira n'ibitekerezo byabo ko ari ibyo "gukira." Reka imbaraga zazamuye Yesu mu mva zibahe ubuzima, ubuzima bukomeye bwo kwizera.

¹⁸⁸ Hanyuma, ako kanya nyuma y'ibi, benshi baraza kuri pisine kubatizwa. Tubisabye, mw'Izina rya Yesu. Amina.

¹⁸⁹ Noneho, twabonye iminota makumyabiri yo kuyobora umurongo w'amasengesho n'umurimo wo kubatizwa. Ubu ntabwo dufite amakarita yo gusengerwa. Twavanyemo isomo muri ibyo, kandi tuzagerageza kubikora mu materaniryo yanjye manini igihe cyose dutangiye. Narababwiye mwese, twabishyizeho, tubibona kuri kaseti, kandi aho njya hose, kaseti zizakomeza koherezwa.

¹⁹⁰ Ikimenyetso cyonyine cyerekana umugisha. Igitekerezo cyari, "Niba uzasengera abarwayi, garurira abantu ku kukwizera."

Naravuze nti: "Ntabwo bari kunyizera."

Aravuga ati: "Uzahabwa ibi bimenyetso, kandi kubw'ibi bazizera." Ibimenyetso byagiye bisimburana, imyaka icumi kw'isi yose, nta gihe na kimwe byigeze bibura gusohora. Nta gutsindwa, na gato, muri byo. Ni bangahe bazi ko ari ukuri?

¹⁹¹ Ni byiza, niba ushobora kwizera ikimenyetso, noneho izere Ubutumwa. Ni byo. Burabigaragaza. Kandi Imana yashyira Ubutumwa muri njye, yareka Bikaba bitunganye gutya, ariko ni iki... kandi kubabwira ikintu cyaba ari ikinyoma? Imana ntizanyemerera kubikora. Oya, oya. Oya, mugenzi. Mbabwira Ukuri.

¹⁹² Noneho, mwese abashaka gusengerwa, mu bugwaneza, kuri uyu murongo hano, nimuze kuri uru ruhande, niba mubishaka, hejuru hariya, ku murongo ugana iburyo. Noneho ibyo biraza gutuma abantu batambuka mu gihe turimo gusenga. Hanyuma turaza kubona—abahungu, abashyitsi nabo bitegereza; kandi mu gihe barimo kunyura hano, hanyuma no kuri ruriya ruhande, turaza kubazana inyuma, kandi tubazane. Abantu bose baraza kubasengera.

¹⁹³ [Umuntu avugana na mwene Data Branham—Ubwanditsi.] Yego, oya, noneho, ntabwo nabikoze. Ni byiza, igihe icyo ari cyo cyose ubishakiye. Ntacyo bitwaye. Ushobora kumusohora, cyangwa wowe... Ndabishoboye... mumuzane hanze aha, cyangwa nyuma gato, igihe cyose abishakiye, ntacyo bitwaye.

¹⁹⁴ Noneho, reka ducekeke uko dushoboye, muri iyi minota mike iri imbere. Ndashaka ko mwese mutekereza nonaha: Noneho, ni iki cyatumye—Bibiliya yavuze ngo iki? "Isengesho

ryo kwizera ni ryo rizakiza abarwayi.” Ni bangahe bazi ko ari byo? Ni bangahe bazi ko Bibiliya yavuze iti: “Dore ibimenyetso bizajyana n’abizera. Imirimo nkora namwe muzayikora”? Kandi imirimo yari iyihe? Yaravuze ati: “Ndabishoboye niba wemera ko nshoboye gukora ibi.” Ni byo?

Ikibazo cyanyje cyari ikihe? “Ntibazanyemera.”

Yaravuze ati: “Ibi bimenyetso bizabatera kwizera.”

¹⁹⁵ Noneho, niba wizera, itegure: Iyi ni yo saha yawe yo gutabarwa. Gusa nk’uko bimeze ku byaha, ni amasezerano amwe y’Imana imwe.

¹⁹⁶ Noneho, twabonye umugore muto, urwaye hano, ufite ikibazo cy’igifu, uturutse hepfo muri New Albany. Tugiye kumusengera, ubanza, kugira ngo abone—nimumushakire intebe. Noneho, mutuje, n’abantu bose, nonaha. Ndashaka ko bene Data bamfasha, hano. Reka twunamishe imitwe akanya, ubu, kugira ngo dusenge.

¹⁹⁷ Noneho, Data wa twese wo mw’Ijuru, iri ryari Ijambo Ryawe. Ntabwo nshinzwe igikorwa kizarikorwamo, ariko nshinzwe kubwiriza. Kandi mumenye ibi (mumenye ko ndi umugabo ugeze mu kigero cyo hagati, kandi umunsi umwe ngomba guhura na We): Nabwirije Ukuri mbikuye ku mutima. Urabizi. Ntabwo ari urwikekwe, niba ari byo, Mwami, noneho nkeneye kwihana.

¹⁹⁸ Kandi Data, ndagusabye ngo Udufashe, ubungubu, mu gihe tugiye gusengera abarwayi, amasengesho yanjye asubizwe, ntabwo ari amasengesho yanjye gusa, Mwami, ahubwo isengesho ry’iri torero, nk’aba bakene. . . Byagenda bite se niba uyu yari umugore wanjye uhagaze hano? Byagenda bite niba uyu yari we, agashyirwa mu kagare k’abamugaye? Cyangwa mushiki wanjye? Mama? Mana, kiza aba bantu. Uzabikora, Mwami?

¹⁹⁹ Reba, bahagaze ku murongo w’amasengesho: ufite ibibazo by’umutima, kanseri, ikibyimba, indwara zose n’ububabare. Benshi muri bo barimo kuza (amagana ari gukira, uhereye hano, Mwami), kandi barabibona, kandi barabyizera, kandi baza ku murongo w’amasengesho kwakira ibyabo. Baje imbere y’Ibuye rizima nonaha, ntabwo baje imbere y’umugaragu Wawe, ariko ku Mwana Wawe, Yesu, Ari we Mu-yobozi w’Itorero, umunyamwuka, Umuntu utagaragara hagati yacu. Mu gihe tugenda, tuvuga Izina Rye (Waravuze uti: “Mw’Izina ryanjye bazirukana amadayimoni.”), Ndagusaba ngo Usubize amasengesho yacu, mw’Izina rya Yesu. Amina.

²⁰⁰ Noneho, abantu bose basenge. Noneho, iki ni igice cyawe, kandi. Iri ni isengesho ryawe.

Noneho uyu mugore muto agomba gupfa, niba hatabonetse Ikintu cyamufasha.

²⁰¹ Ni bangahe bazi mwene Data Stadsklev? Mwene Data na Mushiki wacu Stadsklev? Nahamagawe bari mu Budage

inshuro eshatu mw'ijoro ryakeye; umwana wabo yari yapfuye. Barambajije bati: "Mwene Data Branham, twarakubonye, kubw'Umwuka w'Imana, uzura abapfuye," (Barahagaze bahari barabireba. Urabona?) "kandi tuzi ko uri umuhanuzi w'Uwiteka. Wowe vuga Ijambo gusa."

Naravuze nti: "Sinshobora kurivuga, keretse rishyizwe mu mu kanwa kanje."

"Ngwino mu Budage." Nahagurutse vuba. Baratelefone bati: "Shakisha indege ishobora kukugeza mu Budage mu masaha atandatu." Indege y'ingabo ishobora kungeza mu Budage kugira ngo nzure umwana wapfuye. Indege y'ingabo yantwara mu masaha atandatu, kuva Louisville kugera München, mu Budage.

²⁰² Ninjiyeyo, nuko ndapfukama, ndavuga nti: "Data, navuga iki? Vugira mu kanwa kanje." Ntiyansubije. Nagiye mw'ishyamba, ndavugaga nti: "Data, mvuge iki? Shyira amagambo mu kanwa kanje. Nibitaba ibyo nzaba njyanywe n'ubusa." Nasubiye mu rugo, Ntabwo yansubije. Ndinjira. Nijoro narasenze, "Mwami, shyira amagambo mu kanwa kanje." Mbura igisubizo.

²⁰³ Bukeye bwaho, umugore wanjye arabyuka. Akimara kugenda, Ijambo (Narahagurutse), Aravugaga ati: "Wicyihunza. Iki ni ikiganza cy'Uwiteka." Uh-huh.

Ubwo nihutiye gutelefona nti: "Sinshobora kuza. Oya, uku ni ukuboko k'Uwiteka. Simbyemerewe." Urabona imbaraga ziri muri uko gucyahwa? Igihe Imana yavuze iti: "Ntubikore, kuko ni ukuboko k'Uwiteka."

²⁰⁴ Noneho, Mose, igihe kimwe, yabwiwe kutagira icyo akora, aragenda arabikora uko byagenda kose. Uribuka? Nanjye rero—Ntabwo nagiyeyo.

²⁰⁵ Kandi nshobora kubazanira amagambo yerekana abantu bane batandukanye, bavuzweho n'abaganga ko bapfuye, nyuma yo gusenga no gucyaha urupfu. Murareba? Duhagaze aho kugira ngo twamagane icyo kintu. Niba kandi Imana yaguhaye imbaraga zo gukora ikintu, wakagombye kwitondera ibyo ukora. Murareba? Byaba byiza witaye... Yaravuze ati: "Ntubikore..."

²⁰⁶ Noneho, nimwibuke, wenda ibyo ntibibashishikaje cyane, ariko kuri njye, hari icyo bivuze. Reba?

"Ntukamagane ibi." Ijwi ryiza, ryiza rituje (ni hafi saa kumi n'ebiyiri na mirongo itatu, ndizera ko ari ko bimeze, saa kumi n'ebiyiri na mirongo itatu za mugitondo) ati: "Ntukamagane ibi. Uku ni ukuboko k'Uwiteka."

Ndavugaga nti: "Urakoze, Data. Urakoze, Mwami. Ntabwo nzabikora."

²⁰⁷ Niba Yaravuze ati: "Wamagane ibi. Uyu ni umwanzi winjiye."

Nari kuvuga nti: “Reka tugende.” Kandi byari gukorwa.

²⁰⁸ Mu gihe uriya mwana muto hariya muri Finlande yari aryamye, yapfuye, barundarunda, yewe nta n’amagufwa yumvikanaga mu mubiri we, Uwiteka yavuze ko ari ukuboko kwa Satani, ati: “Mwirukane.”

²⁰⁹ Nanjye nti: “Wa rupfu we, ntushobora kumutwara. Mugarure, murekure.” Ngezeyo, yasimbukiye ku birenge bye, neza, nta n’amagufa yavunitse mu mubiri we. Iryo ni Ijambo ry’Uwiteka. Sinshobora gukoresha Ijambo ry’Uwiteka kugeza igihe Ijambo ry’Uwiteka riziye kuri njye.

²¹⁰ Ariko mu Byanditswe Byera, Ijambo ry’Uwiteka ryampaye inshingano zo gusengera abo barwayi; riguha inshingano zo kubasengera. Noneho, “isengesho ryo kwizera rizakiza abarwayi,” mureke dusenge, twunamishe imitwe; turaza kureba ibyo Avuga, mu gihe tugikomeje.

²¹¹ Uri Umukristo, si byo? Wizera n’umutima wawe wose ko Yesu agiye kugukiza? Ugira ikibazo gito cyo mu gifu; kikuzonze imyaka myinshi, mushiki wanjye. Noneho, ugiye gukira, niba ubyizera.

²¹² Noneho, Mwami Mana, uyu mugore ukiri muto agomba gupfa keretse umutabaye. Noneho ndasenga, nkimureba, nkabona nta mpamvu yatuma apfa.

Kandi ndumva mu mwuka wanjye, Mwami, ko ari ubushake bwawe bwemewe, noneho, ko namaganye ibi: Satani, murekure!

Mw’izina rya Yesu Kristo, akire, aze muri iri torero, kandi atange ubuhamya bw’icyubahiro cy’Imana. Amina.

²¹³ Noneho, ibyo biroroshye, madamu, ugiye gukira. Mbese ibyo urabyizera mwene Data?

Wizera hano, ko uza kumva umerewe neza? Genda nonaha, utangire kurya buri gihe icyo ari cyo cyose... ubikore noneho, urumva umerewe neza.

Noneho, urateganya gutesha isi umutwe, ukayijejeza; nayo yagutesheje umutwe, igutera paralizi. Noneho, Imana yo mw’Ijuru yakuyeho guta umutwe kw’isi maze itanga imbabazi z’ibyaha, hamwe na rya Zina rimwe rishobora kuguha imbabazi, rikagukuraho guta umutwe, rikagukiza neza.

Wizere ko Ashobora gutuma uwo mutima utera neza? Urabyizera, urumva umerewe neza...?...

²¹⁴ Mwami Yesu, uyu mugore w’umukene agomba kuryama kuri iyi ntebe ubuzima bwe bwose hanyuma, akajyanwa. Ariko turasaba ko imbaraga za Satani zimwamburwa. Reka abeho kandi agende abeho nk’uko bisanzwe. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

215 Urizera? Ni umurimo urangiye, byararangiyeye. Ikibazo ni ikihe? Nta bwoba, nta . . . Ntabwo yari . . . ? Igihe kimwe wakize kanseri . . . ? . . . Hindura, uhe Yesu byose.

216 Mwami Yesu, nashyize ikiganza kuri uyu mugore nirukana uburwayi bwe. Nzi ko ari Umukristo, wabyawe n'Umwuka. Ndabwirukanye, mw'Izina rihebuje rya Yesu Kristo. Amina.

217 Mwami Mana, kubwa murumuna we w'igiciro cyinshi, ndasaba agakiza ke mw'Izina rya Yesu. Hagarara kuri ibyo. Amina. Bizakorwa.

218 Witeguye kwakira gukira kwawe, mwana wanjye? Ni byiza, byashyizwe mu biganza Bye.

219 Mwami Yesu, kuri uyu musore, wavuze ati, bivuye kuri Wowe, arasenga ngo yakire gukira kwe. Nk'umukozi Wawe, murambitseho ibiganza mw'Izina rya Yesu Kristo . . . ? . . . Amina.

Noneho, icyo ari cyo cyose . . . ? . . . ubungubu, hamagara gusa Izina rye. Noneho, ntabwo—ntabwo ari kubwanjye . . . ? . . .

220 Data Mana, nk'umwana w'umuhungu wigeze kwishingikiriza ku gituzo cya nyina, yamukubise agashyamba maze— maze aramusengera nuko afata akaganza ke gato akiri uruhinja. None, Satani yamushyize mu bigo by'abarwayi bo mu mutwe. Mana, yaje mu Itorero ryera ry'Imana nzima, Itorero ryavutse ku Mwuka w'Imana, Itorero ritwemo n'Umwuka w'Imana, kandi akigaragaza Ubwe. Uyu munsu, kubw'amasengesho, tubohje uriya mugore uturutse muri kiriya kigo. Mu Izina rya Yesu Kristo, turasenze. Amina.

Genda mu rugo, umerewe neza.

Urakoze kuza, gusabira mama wawe; uwo ni umuhungu nyawe.

221 Uyu ni umunsu wo gutabarwa kwawe. Mwami Yesu, kuri uyu mugore ukiri muto, ni kubw'agakiza k'umugabo we no kumukiza ububabare mu muhogo, reka abyakire mw'Izina rya Yesu Kristo, We wavuze ati: “ngwino, byizere nonaha,” kandi ni umurimo utunganye.

222 Mwami, abaganga bavuze ko, Mwami, biri mu mubiri we, bikaza no mu jisho rye. Yaje kugira ngo abohorwe, kuri iki gicaniro, nk'uko iri Torero ryera risenga risaba, Ndamusabira gutabarwa mw'Izina rya Yesu Kristo, iki cyorezo kive mu mubiri we. Ni umurimo utunganye.

Ku mwana w'umuhungu we, mpaye umugisha iki gitambaro. Reka kumva bikwiye bigaruke mu gutwi kwe . . . ? . . .

223 Noneho Itorero riravuga; ubu Itorero ni Umubiri utagaragara wa Kristo. Twese turagusengera. Murareba? Ntabwo—ntabwo twatura ko tuzaguma kuba mw'isi. Ntabwo tuvuye ku byerekeye kwibaza aho tugana. Twabonye Inzira. Twavukiye muri ubwo Buryo. Turi Itorero ry'Imana Nzima

(umugabane wayo); birumvikana, ryamamazwa kw'isi yose. Ariko iri ni itsinda ryabo. Uyu munsi, twese hamwe tuza mu Izina Rye. Tuje gukora ibyo Yavuze, kora. Ibyo We adashobora guhishura iyo duhuye. Dusengera abarwayi, tubarambikaho ibiganza, "isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi."

²²⁴ Reka ibibazo by'umutima wawe birangire. Mw'Izina rya Yesu Kristo, nubaha inshingano Imana yampaye...?...

60-0925 Wa Minsi I Kaluvari
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2024 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamiye kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org